


REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI



**INTEGANYANYIGISHO Y'IMIBARE Y'IKICIRO CYA MBERE
CY'AMASHURI ABANZA P1-P3**

Kigali, 2015

INTEGANYANYIGISHO Y'IMIBARE Y'IKICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA P1-P3

Kigali, 2015

© 2015 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Uburenganzira bw'umuhanzi

*Iyi nteganyanyigisho ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi (REB).
Ni ngombwa kugaragaza umwanditsi igihe cyose hakoreshejwe iyi nteganyanyigisho*

IJAMBO RY'IBANZE

Mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiyeye ku bushobozi bw'uwigira, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) gishimishijwe no gushyira ahagaragara integanyanyigisho nshya izakoreshwa mu gihugu hose. Iyi nteganyanyigisho igamije gutanga uburezi buboneye kandi bufite ireme mu byiciro by'uburezi rusange mu mashuri yose y'u Rwanda. Poritiki y'uburezi mu Rwanda ni uguha uruburako mu byiciro byose by'uburezi amahirwe yose mu byerekeye ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bikwiraye birutegurira kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango ndetse no guhabwa amahirwe yo kwihangira umurimo.

Kugira ngo hanoze ireme ry'uburezi, Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga mu ivugurura ry'integanyanyigisho ku buryo imyigire n'imyigishirize ndetse n'isuzuma bigira uruhare rugaragara mu kurema Umunyarwanda igihugu gikeneye. Mu rwego rwo kubaka umuryango ushingiyeye ku bushobozi, byabaye ngombwa ko hakorwa integanyanyigisho ishingiyeye ku guha abiga ubushobozi bukenewe kugira ngo bashobore gupigana ku isoko ry'umurimo haba mu karere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi nteganyanyigisho, abanyeshuri bazagira uruhare rugaragara mu myigire bityo bagire ubushobozi butuma bashobora guhuza ibyo bize n'ubuzima bwa buri muni. Ibi bizatuma bo ubwabo bigirira akamaro kandi banateze igihugu cyabo imbere.

Turashimira byimazeyo abafatanyabikorwa n'abaterankunga bagize uruhare mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho kuva igikorwa gitangira kugeza kirangiye. Tuboneyeho kandi gusaba abazakoresha iyi nteganyanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kunozwa.

GASANA I. Janvier

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho. Ntabwo iyi nteganyanyigisho yashoboraga gukorwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi ndetse n'abaterankunga. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kuvugurura integanyanyigisho ndetse n'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda bagize uruhare mu itegurwa n'iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Harashimirwa kandi abarimu bigisha kuva mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye na kaminuza bitanze batiziganye kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore kujya ahagaragara.

Ndashimira imiryango nterankunga mu burezi nka UNICEF, UNFPA, DFID, AFR kubera inkunga mu rwego rw'imari na tekiniki batanze mu ivugurura ry'iyi nteganyanyigisho. Ndashimira kandi uruhare rw'abafatanyabikorwa mu burezi nk' Itorero ry'Igihugu, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, CNLG, CGS, GMO, RBS, REMA, WDA, MINECOFIN, AEGIS Trust, Handicap International, Wellspring Foundation, Right to Play, MEDISAR, EDC/L3, EDC/Akazi Kanoze, Save the Children n'Imiryango ishingiyeye ku kwemera mu iyandikwa ry'iyi nteganyanyigisho. Byongeye kandi ndashimira impuguke mpuzamahanga ndetse n'iz'Abanyarwanda bitanze kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishobore gutegurwa no kwandikwa. Iyi nteganyanyigisho ni umusaruro w'ubufatanye n'ubwitange bya buri wese mu bitabiriye iki gikorwa.

Dr. MUSABE Joyce

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho muri REB

URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

1. Dr. MUSABE Joyce, Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho.
2. RUTAKAMIZE Joseph , Umuyobozi w'Itsinda ry'Amasiyansi n'Imibare
3. KAYINAMURA Aloys , Umuteganyanyigisho w'Imibare
4. NYIRANDAGIJIMANA Anathalie, ushinzwe ireme ry'integanyanyigisho n'imfashanyigisho

Abarimu

5. BUTERA Antoine, Umwarimu w'Imibare, Wellspring Academy
6. MUKAMUSONI Béatrice, umwarimu w'Imibare , GS Kicukiro
7. UWICYEZA Therse, Umwarimu w'Imibare , EP Remera Catholique II

Abandi bagize uruhare mu itegurwa ry'iyi nteganyanyigisho

8. Prof Paul Goldenberg , EDC/L3project
9. GAFIRIGI Clementine, EDC/L3project
10. Mercy Catherine , EDC/L3project
11. BIZIMANA Adeodatus, Righth to play

Abanonosoye integanyanyigisho

Dr. Alphonse UWORWABAYEHO, UR College of Education

AMASHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE	i
GUSHIMIRA	ii
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU ITEGURWA RY'IYI NTEGANYANYIGISHO	iii
AMASHAKIRO	iv
1. INTANGIRIRO	1
1.1 Imvano y'ivugururwa ry'integanyanyigisho	1
1.2 Impamvu zo kwigisha no kwiga imibare	1
1.2.1 Akamaro k'imibare mu muryango nyarwanda	1
1.2.2 Akamaro k'ubumenyi bw'imibare k'umunyeshuri	2
1.2.3 Ubushobozi	2
2. IMBONEZAMASOMO	5
2.1. Uruhare rw`umunyeshuri	6
2.2. Uruhare rw`umwarimu	7
2.3 Uburezi bw`abafite ibyo bagenerwa byihariye, imyigire n`imyigishirize idaheza	7
3. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA	8
3.1.Ubwoko bw'isuzuma	8
3.2. Kubika inyandiko igaragaza umusaruro w'isuzuma	9
3.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya	10
3.4 Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma	11

4. IBIKENEWE KUGIRA NGO IYI NTEGANYANYIGISHO ISHYIRWE MU BIKORWA.....	12
4.1. Imfashanyigisho.....	12
4.2.Abarimu	12
5. IMITWE IGIZE IYI NTEGANYANYIGISHO.....	13
5.1 Imiterere y’integanyanyigisho y’imibare yo mu kiciro cya mbere	13
5.2. Integanyanyigisho y’umwaka wa mbere.....	14
5.3.Integanyanyigisho y’Umwaka wa Kabiri	13
5.4. Integanyanyigisho y’Umwaka wa Gatatu	38
6. INYANDIKO CYANGWA IBITABO BYIFASHISHIJWE MU GUTEGURA IYI NTEGANYANYIGISHO.....	66
7. IMIGEREKA: IMBONERAHAMWE Y’AMASOMO YIGISHWA MU CYICIRO CYA MBERE CY’AMASHURI ABANZA.....	67

1. INTANGIRIRO

1.1 Imvano y'ivugururwa ry'integanyanyigisho

Ivugururwa ry'integanyanyigisho z'Imibare mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza ryakozwe mu rwego rwo kunoza imyigishirize y'ibanze mu kubara, gusoma, kwandika no gukoresha imibare mu buzima bwa buri muni. Integanyanyigisho yari isanzweho yibandaga cyane ku bumenyi kandi ntihe uruhare runini umunyeshuri mu myigire ye. Mu kuvugurura iyi nteganyanyigisho hashingiwe k'ubushakashatsi bwakozwe bukerekana ko imibare yigishwa mu mashuri idahuzwa n'ubuzima bw'umunyeshuri. Ni yo mpamvu muri iri vugurura hitawe cyane ku gufasha umunyeshuri guhuza imibare n'ubuzima bwa buri muni no mu kubaka ubushobozi bushingiye ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bituma umunyeshuri ashobora kugira icyo yigezaho kandi agashobora no kubana neza n'abandi. Ivugurura kandi ry'iyi nteganyanyigisho ryashingiye kandi ku Muco Nyarwanda no ku gitekerezo cyo guhuza integanyanyigisho z'Amashuri Abanza yo mu Rwanda n'iz'ibindi bihugu cyane cyane iz'ibihugu bigize Umuryango Nyafurika w'Iburasirazuba.

1.2 Impamvu zo kwigisha no kwiga imibare

1.2.1 Akamaro k'imibare mu muryango nyarwanda

Imibare n'inyigisho y'ibanze mu mibereho y'abantu kuko bayikenera mugukemura ibibazo byo mu buzima bwabo bwa buri muni nko kubara no kugereranya ibintu bitandukanye, gupima uburebure, uburemere n'itwara ry'ibintu bitandukanye, gucunga umutungo, kuvunja no kuvunjisha amafaranga mu igura n'igurisha ry'ibintu, mu gukoresha neza no kumenya agaciro k'igihe n'ibindi. Inyigisho y'Imibare kandi igamije gufasha umunyeshuri n'umuryango nyarwanda gutekereza byimbitse, gushyira mu gaciro, kugira umuco wo kuzigama no kwiteza imbere no kurangwa n'indangagaciro zihamye zifasha buri wese kubana n'abandi mu mahoro.

Imibare n'inkingi fatizo mu iterambere ry'umuntu ku giti cye, ku muryango no ku iterambere ry'I Gihugu muri rusange.

1.2.2 Akamaro k' ubumenyi bw'imibare k'umunyeshuri

Umunyeshuri wo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza akenera Imibare y'ibanze imufasha gukemura ibibazo ahura nabyo mu buzima bwe bwa buri muni. Imibare n'inyigisho imutoza gutekereza neza no kwitwararika mubyo akora, bityo ikamutegurira imibereho myiza mu buzima bwe bwa buri muni kuko akenera ubumenyi butandukanye mu kubara, kugereranya, gucunga umutungo, gupima no gukoresha ingero zinyuranye, guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya, gusesengura no gusobanukirwa n'amakuru atangwa n'ibishushanyo ndangamiterere byoroheje n'ibindi.

Iyi nteganyanyigisho y'Imibare yo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza igamije gufasha umunyeshuri gukurikira imibare yo mu byiciro byisumbuye n'izindi nyigisho bifitanye isano ku buryo bunononsoye; ikamutegurira imibereho myiza mu buzimabwe bwa buri muni.

Integanyanyigisho y'imibare kandi iteguwe ishingiyeye ku ihame ryo guha umunyeshuri ubushobozi bwo kugira icyo ashobora gukora ashingiyeye ku bumenyi, ku bumeningiro no ku bukesha ahabwa mu ishuri. Ibyo bituma Umunyeshuri urangije icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza ashobora gukurikira amasomo mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza no kwicyemurira ibibazo by'ibanzebifitanye isano n'inyigisho y'imibare.

1.2.3 Ubushobozi

Ubushobozi ni ububasha bwo gukora umurimo uyu n'uyu wihariye uko bikwiye hashingiye ku bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya biyanye n'ibyo wize. Poritiki z'igihugu zishingiyeye ku byo igihugu gikeneye zerekana ubushobozi bw'ibanze n'ubushobozi nsanganyamasomo bishingirwaho mu kubaka imitekerereze yimbitse. Muri iyi nteganyanyigisho ubushobozi bw'ibanze bugaragarira mu bushobozi bugamijwe muri buri mutwe, muri buri mwaka ndetse no mu kiciro. Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gushingira ku byo ashobora gukora kugira ngo hatezwe imbere ubushobozi bugamijwe mu gihe yiga cyangwa arangije umutwe w'amasomo runaka.

❖ **Ubushobozi nsanganyamasomo**

Ubushobozi nsanganyamasomo ni ubushobozi butihariwe n'inyigisho imwe ahubwo butezwa imbere mu masomo anyuranye, mu bihe bitandukanye ndetse no mu kazi kanyuranye. Ubushobozi bw'ingenzi mu myigire n'imyigishirize abarimu bagomba kwitaho busobanuye ku buryo bukurikira:

Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gutekereza byimbitse no gushyira mu gaciro ku buryo bwaguye bituma abonera ibisubizo ibibazo ahura na byo mu buzima bwa buri muni.

Guhanga udushya: kunguka ubu bushobozi bizafasha umunyeshuri gufata iya mbere agatekereza ahereye ku byo azi, maze agahanga ibintu bishya.

Ubushakashatsi: ubu bushobozi buzafasha umunyeshuri gukemura ibibazo ahereye ku makuru no ku bumenyi busanzweho no gusobanura ibintu ahereye ku makuru yakusanyije.

Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu gihugu: ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gusabana n'abandi nta mususu no gutanga ibitekerezo byabo ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko bakoresha imvugo n'amagambo bikwiye. Kubera iyo mpamvu, abarimu bose nubwo baba batigisha indimi basabwa kugenzura ko abanyeshuri bakoresha uko bikwiye ururimi rwigishwamo.

Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri muni: ubu bushobozi buzafasha abanyeshuri gukorana n'abandi mu matsinda, mu kazi ako ari ko kose bahawe barangwa n'imyitwarire n'indangagaciro bikwiye, bubaha uburenganzira, ibitekerezo n'imyitwarire binyuranye n'ibyabo. Ibi bizafasha kandi abanyeshuri gukora ibikorwa bijyanye no kubungabunga ibidukikije, gukora ubuvugizi ku byerekeye ubuzima bwabo n'ubw'umuryango bita ku isuku n'imirire iboneye kandi na none bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima.

Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: kunguka ubu bushobozi bizafasha abanyeshuri kujyana n'igihe biyungura ubumenyi n'ubumenyi ngiro batarinze gufashwa muri byose. Ibi bizabafasha kandi kujyana n'iterambere bibanda ku bumenyi n'ubumenyi ngiro bikenewe.

❖ **Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'Imibare**

Inyigisho y'imibare mu mashuri abanza igamije gutuma umunyeshuri ashobora :

1. Gukoresha ubumenyi, n'ubumenyingingiro n'ubukesha bya ngombwa ku imibare mu mategeko y'ibara mu ibara, mu ipima no mu igereranya ry'imibare y'ibintu cyangwa ry'indeshyo yabyo;
2. Gukoresha amafaranga y'u Rwanda mu igura n'igurisha ry'ibintu no mu ivunjwa ryayo;
3. Gutera imbere mu mitekereze nyakuri kandi iboneye;
4. Kwifashisha ibara ryihuta mu gukemura ibibazo byo mu buzima busanzwe.
5. Kwiyungura mu bumenyi buzakenerwa kugira ngo bukoreshwe mu nyigisho zo mu cyiciro cyisumbuye.
6. Kugaragaza imyifatire yerekana ko akunze iyo nyigisho kandi ko ifite akamaro.

❖ **Imibare no kwimakaza ubushobozi bugamijwe**

Poritiki y'igihugu mu myigishirize y'Imibare mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza ni ugutoza umunyeshuri kubara no kugereranya ibintu bitandukanye, gupima uburebure, uburemere n'itwara ry'ibintu bitandukanye, kuvunja no kuvunjisha amafaranga mu igura n'igurisha ry'ibintu, n'ibindi . Usibye ubushobozi bwo kubara, kugereranya, gusesengura, gusoma no kwandika neza Imibare, umunyeshuri ahabwa ubushobozi n'ubumenyingingiro rusange bimufasha kwibeshaho no kubana neza n'abandi.

Muri iyi nteganyanyigisho nshya twitaye kandi ku bumenyingingiro ku buryo bw'umwihariko kugira ngo dufashe abana b'u Rwanda mu buzima bwabo bwa buri muni kandi tubashishikarizegukemura ibibazo bahura nabyo. Ingingo zitawehe cyane cyane ni umuco n'indangagaciro nyarwanda, ibidukikije, uburinganire, uburenganzira bw'umwana n'ubw'ikiremwa muntu, gukunda igihugu, kwimakaza umuco w'amahoro ndetse no kwihesha agaciro.

Mu kwigisha Imibare bita cyane ku kuyihuza n'ubuzima busanzwe hagaragazwa akamaro ifitiye abayiga kandi bigakorwa hatangwa ingero z'aho ikoreshwa n'uko ikoreshwa mu buzima bwa buri muni. Gukora isesengura ry'ibibazo by'imibare bifitanye isano n'ubuzima umunyeshuri abamo bimufasha kubaka ubushobozi bwo gushishoza, gutekereza byimbitse no guhuza ibyo yiga n'ubuzima bwe bwa buri muni. . Ibiganiro mu matsinda ku kamaro k'ibyo biga mu mibare, bifasha abanyeshuri kwiubaka mu umuco wo gukemura

ibibazo, kwihanganirana ndetse no gutanga ibitekerezo byabo mu bworoherane. Batozwa kandi no gukora ubushakashatsi, bahabwa imyitozo inyuranye ituma bitabira kuvumbura ibyo batari bazi, basoma ibitabo binyuranye, bashakisha amakuru anyuranye kugira ngo bashobore guhanga udushya. Imyitozo inyuranye n'amahurizo, abanyeshuri bakorera mu matsinda bibacengezemo umuco wo gukorana no gushyikirana n'abandi.

2. IMBONEZAMASOMO

Imyigishirize y'imibare mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza ishingiyeye ku ruhare runini umunyeshuri agomba kugira mu myigire ye, ibyo bituma umunyeshuri ashakashaka, akitegereza, agakorakora, agahinduranya, agaterura, agapima, akavumbura akoresheje imfashanyigisho zitandukanye. Muri ibi bikorwa byose mwarimu akora akazi ko kuyobora no kugenzura niba ibyo umunyeshuri akora bigaragaza ubushobozi bushingiyeye ku bumenyi, ku bumeningiro, ku bukesha no ku ndangagaciro ahabwa cyangwa atozwa na Mwarimu cyangwa n'abandi.

Umwarimu ateganya imfashanyigisho zijyanye n'isomo agiye kwigisha kandi zitarangaza abanyeshuri. Mu gihe bishoboka, abanyeshuri na bo bashobora kuzizanira.

Imyigishirize y'isomo ry'imibare igomba kubahiriza imikurikiranire y'ibi bice: imboneshajisho (concrete) ishushanyamibare (semi-concrete) imboneshabwenge (abstract).

Ibikorwa by'umunyeshuri bigomba gutegurwa bishingiyeye ku buzima bwe bwa buri munsu no ku bintu asanzwe abona. Ibi bituma umunyeshuri yibona mu byo akora, bityo akarushaho kubyishimira, kugira amatsiko no gucengera ibyo yiga kandi akabihuza n'ubuzima abamo. Mbere y'uko basubiza, mwarimu agomba guha abanyeshuri igihe gihagije cyo gutekereza no kwishakashakira.

Imyitozo umwarimu atanga igomba kwibanda ku bintu umunyeshuri ahura na byo mu buzima bwe bwaburi munsu kandi ikaba imusaba gutekereza kuburyo bworoshye no gutekereza kuburyo bwimbitse.

Umwarimu agomba guha abanyeshuri imyitozo ihagije mu gihe cyo kwiga n'imikoro batahana mu rugo kandi bakazayikosorera hamwe mu ishuri mbere yo gutangira irindi somo. Mu nyigisho y'Imibare, myitozo myinshi ni ngombwa kuko ariyo ifasha abanyeshuri kumva neza iyi nyigisho no gusobanukirwa n'agaciro kayo mu buzima bwe wa buri muni. Mu kwigisha Imibare, umwarimu ashobora guhitamo kandi amasomo atangirwa hanze nk'ayo gupima uburebure cyangwa intera y'ahantu, n'ibindi.

Muri rusange, abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro kanini mu myigire ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umwarimu akosore imivugire ye, imisomere ye, imyandikire ye ndetse n' imitekerereze ye.

Buri somo rigomba kugira intego zumvikana kandi uburyo bwo kuzigeraho ntibugore umunyeshuri ndetse n'umwarimu. Umwarimu agomba kwita ku kigero cy'umunyeshuri kandi akamufasha kwiyigisha. Ni ngombwa rero guhera ku byo umunyeshuri azi, bigaragara, byuzuye, mbere yo kugera ku byigwa mpisho kugira ngo bifashe abanyeshuri kwivumburira icyigwa cy'umunsi.

2.1. Uruhare rw'umunyeshuri

Integanyanyigisho iha umunyeshuri uruhare rw'ibanze mu myigire ye ishingira kubyo asanzwe azi no ku bushobozi asanganywe agafashwa buhoro buhoro kubwongera akoresheje ubumenyi, ubumenyingingiro, ubukesha n'indangagaciro nyarwanda agenda yunguka. By'umwihariko umunyeshuri akwiye gushingira imyigire ye ku bintu by'ingenzi bikurira:

- Kunguka ubumenyi yifashishije ibikorwa bye bwite cyangwa mu bikorwa afatanyije na bagenzi be;
- Kwifashisha ibikoresho byabugenewe: ibikoresho bya Jewometiri, ibibarisho, mudasobwa n'ibindi mu kwiga Imibare;
- Kubaha bagenzi be no kugira ikinyabupfura;
- Gufata neza ibikoresho bye n'iby'abandi
- Kumenya gukorana n'abandi, kwihangana no kwemeranya ku gisubizo kiri cyo;
- Kumenya kwitegereza, gukorakora no gushyira ibintu mu buryo.

2.2. Uruhare rw`umwarimu

Bimwe mu bintu by`ingenzi umwarimu akwiye kwibandaho mu mikoreshereze y`integanyanyigisho y`Imibare ishingiyeye ku bushobozi ni ibi bikurikira:

- Kugira ubumenyi buhagije mu bijyanye n`Imibare ndetse n`uburyo bwo kuyigisha abanyeshuri ukurikije ikigero bagezemo;
- Kwitwara nk`umujoyanama n`umuhuzabikorwa mu byo abanyeshuri bakora mu myigire yabo;
- Gukurikirana ibikorwa by`abanyeshuri no gukemura mu mahoro impaka zose zivutse;
- Gutegura ibikorwa by`abanyeshuri ashingiyeye ku buzima bwabo, ku buzima bw`Igihugu no ku muco nyarwanda kuko ari byo bituma barushaho kwibona mu bikorwa byabo no kwiga neza Imibare;
- Gutegura mbere imfashanyigisho zijyanye n`ibikorwa biteganyijwe kandi ziboneka mu karere abanyeshuri batuyemo;
- Kuba inyangamugayo mu buzima busanzwe no mu myitwarire ye imbere y`abanyeshuri;
- Gutegura neza isomo agiye kwigisha, agaragaza ibikorwa bye n`ibyumunyeshuri kandi ategura imfashanyigisho zose zi kenewe mu isomo.

Umwarimu afite uruhare rwo kuyobora umunyeshuri amufasha kuvumbura, amukosora, amwerekera kugira ngo amugeze ku ntego z`isomo. Ni ngombwa ko umwarimu amenya ibibazo abanyeshuri bafite kugira ngo mu gutegura isomo ateganye uburyo n`inzira aza gukoresha bitagira uwo biheza. Umwarimu akena imfashanyigisho, agategura aho abanyeshuri bigira bitewe n`isomo ashaka kwigisha. Hari isomo ryatangwa neza ari uko ribereye hanze cyangwa se mu ishuri, rikorewe mu matsinda cyangwa abanyeshuri bari hamwe bose, byose biterwa n`imiterere y`isomo ndetse n`aho bigira.

2.3 Uburezi bw`abafite ibyo bagenerwa byihariye, imyigire n`imyigishirize idaheza

Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bungana ku burezi. Ni muri urwo rwego ishyirwa mubikorwa ry`iyi ntegananyigisho rigomba kuzita ku burezi budaheza bita ku banyeshuri bafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo .Ikibazo kigaragara ni uko mu

banyeshuri habamo abafite imibereho itandukanye n'iy'abandi bitewe n'ibibazo by'imikorere y'ingingo z'umubiri, iby'imikorere y'ubwonko cyangwa iby'ukuntu bagaragaza imbamutima zabo. Abo bose bagomba kwitabwaho by'umwihariko mu myigire yabo.

Uruhare rw'ishuri n'urw'umwarimu ni urwo gushaka uburyo bukwiye bwo gufasha abo banyeshuri hitabwa ku bibazo bafite kugira ngo na bo bakurikire amasomo nk'abandi nta mbogamizi . Bityo bagashakirwa imyitoto, ibikoresho n'imfashanyigisho byihariye mu gihe biga no mu gihe bakora isuzuma .

Inyoborabarezi ireba buri kiciro cy'abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire yabo zirateganyijwe mu rwego rwo gufasha abarimu kunoza imyigishirize .

3. UBURYO BWO GUKORA ISUZUMA

Isuzuma ni ikurikirana ry'imyigire y'umunyeshuri hakusanywa ibimenyetso bijyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yageze hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma ni igice k'ikigenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iyi nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, isuzuma na ryo rigomba gushingira ku bushobozi, aho umunyeshuri ashobora gukora umwitozo ujyanye n'ubuzima bwa buri muni ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Isuzuma riteganyijwe ku buryo bukurikira: hari isuzuma rikorerwa mu ishuri, ku rwego rw'ikigo n'urw'Akarere. Hari kandi isuzuma ryo kureba ibyagezweho mu myigire mu mashuri yo mu Rwanda (LARS) riteganyijwe mu mwaka wa kabiri cyangwa mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza.

3.1.Ubwoko bw'isuzuma

3.1.1Isuzuma ryo kugorora imyigire n'imyigishirize

Mu isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize hakoreshwa uburyo buziguye n'ubutaziguye busanzwe bukoreshwa n'amashuri mu gusuzuma ko abanyeshuri biga uko bikwiye. Mu gihe umwarimu ategura isomo rye, agomba kugena ingingo ngenderwaho mu gusuzuma urwego rw'ubushobozi (ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya) abanyeshuri bategerejwe kugeraho. Mu gusoza umutwe, umwarimu

asuzuma niba abanyeshuri bose bashoboye kugera uko bikwiye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe ahereye ku bigenderwaho mu isuzuma byateganyijwe mu ntangiro y'umutwe. Umwarimu azasuzuma uko abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bukibiye mu ibyigwa ndetse n'ubushobozi nsanganyamasomo. Ibi bizafasha umwarimu kubona ishusho rusange y'iterambere mu myigire y'abanyeshuri. Mu isuzuma, umwarimu azakoresha bumwe cyangwa impurirane y'uburyo bukurikira:(a) kwitegereza, (b) ibibazo basubiza bandika , (c) ibibazo basubiza bavuga.

3.1.2 Isuzuma rikomatanya

Igihe isuzuma rikozwe rigamije gusoza igihembwe, umwaka cyangwa ikiciro no gufata ikemezo cyo gukomeza, ryitwa isuzuma rikomatanya. Isuzuma rikomatanya rigamije kureba intera umunyeshuri agezeho rigaragaza ishusho y'ubushobozi umunyeshuri amaze kugeraho mu gihe runaka kihariye. Intego y'ibanze y'isuzuma rikomatanya ni ugusuzuma niba ubushobozi bugamijwe bwaragezweho. Ibivuye mu isuzuma rikomatanya bishingirwaho mu gufata ikemezo cyo gukomeza ku ntera yisumbuye mu myigire y'umunyeshuri nko kwimurirwa mu kiciro gikurikira cyangwa guhabwa impamyabushobozi. Iri suzuma rigomba gukomatanya ibyo umunyeshuri yize, hakarebwa niba agaragaza ubushobozi bugamijwe bwari buteganyijwe.

Iri suzuma rishobora gukorerwa ku rwego rw'ikigo k'ishuri, akarere cyangwa ku rwego rw'igihugu. Ku rwego rw'ishuri iri suzuma rikorwa rimwe mu gihembwe ndetse n'iyi umwaka urangiye. Uturere tuzahabwa ubushobozi bwo gukomeza gufata iya mbere mu gukoresha isuzuma rikomatanya mu mashuri yose mu gukurikirana imyigire ndetse n'intera abanyeshuri bagezeho mu mashuri yabo.

3.2. Kubika inyandiko igaragaza umusaruro w'isuzuma

Kubika inyandiko igaragaza ibyavuye mu isuzuma ni ugukusanya ibigaragaraza ko isuzuma ryakozwe no kubiha agaciro hagendewe ku bipimo byagenwe mbere. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba bwakoreshejwe mu isuzuma bugomba gutanga amakuru abarwa mu manota yandikwa cyangwa hakoreshejwe ibindi bipimo, bikabikwa neza ku buryo hagaragazwa intambwe igenda iterwa mu myigire. Ibi bigira uruhare mu gutegura ibikorwa cyangwa ingamba zihariye bituma inyigisho zumvikana kurushaho. Ibyavuye mu isuzuma kandi bishingirwaho n'umwarimu mu gihe atanga inama ku banyeshuri n'ababyeyi.

Ubu buryo bujyanye no kubika mu idosiye imwe (mu nyandiko cyangwa ku buryo bw'ikorabuhanga) amasuzuma yose y'umunyeshuri ndetse n'ibyavuyemo ugaragaza aho umunyeshuri afite intege nke cyangwa adafite ibibazo mu myigire ye. Kubika mu idosiye imwe inyandiko igaragaza amasuzuma umunyeshuri yakoze, ntabwo ari ukubika gusa impapuro z'amasuzuma yakozwe (impapuro n'imikoro), ahubwo ni no kubika inyandiko z'imyitoto yose umunyeshuri akora ijyanye n'imyigire ye. Ibyavuye mu isuzuma ni byo bizagaragaza ko umunyeshuri yakurikiye neza mu ishuri mbere y'uko akora isuzuma risoza.

3.3. Gutegura ibibazo by'isuzuma rikomatanya

Mbere yo kwandika ibibazo by'isuzuma, ni ngombwa gukora imbonerahamwe y'ibigomba kubazwaho herekanwa:

- Imitwe, inyigisho cyangwa imbumbanyigisho byibandwaho mu isuzuma,
- Umubare w'ibibazo hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe na Bulumu (Bloom),
- Amanota agenewe buri kibazo.

Mu nteganyanyigisho ishingiyeye ku bushobozi, ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) bigomba guhabwa umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiyeye ku ntera zo hasi zijyanye cyane cyane n'ubumenyi.

Mbere yo kwandika ibibazo, ubyandika agomba kureba neza ko ibibazo by'isuzuma bijyanye n'isuzuma rishingiyeye ku bushobozi hitabwa kuri ibi bikurikira:

- Kugena imbumbanyigisho, inyigisho cyangwa imitwe yibandaho ahereye ku byo integanyanyigisho iteganya.
- Kugaragaza ingingo z'ibyigwa zishingirwaho mu isuzuma.
- Kugena intege zigamijwe zigomba gusuzumwa.
- Gukora imbonerahamwe igaragaza ibigenderwaho by'ingezi mu isuzuma.
- Kugenzura ko inshinga zakoreshejwe mu kwandika ibibazo zidasaba gusubiza ibibazo basubiramo ijamba ku ijamba ibyo bize gusa, ko ahubwo n'ubushobozi rusange buri mu nteganyanyigisho kwasuzumwe.

Imiterere y'ibigomba gusuzumwa mu nyigisho y'imibare

Isuzuma ry'inyigisho y'Imibare rigomba kwibanda ku bice bine by'ingenzi:

- Ibara
- Ingero
- Arigeburi
- ibyerekezo n'amashushongerero

Mu isuzuma ry'imibare yo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza, ibibazo by'isuzuma bigomba gutoza abanyeshuri gutekereza kuburyo bwimbitse, gushyira mu gaciro no gufata imyanzuro ihambye kandi ikwiye. Ibibazo bitegurwa bigomba gushingira ku mibereho y'umunyeshuri kandi bikareba ingingo zikurikira: kubara no kugereranya ibintu bitandukanye, gupima uburebure, uburemere n'itwara ry'ibintu bitandukanye, gucunga umutungo, kuvunja no kuvunjisha amafaranga mu igura n'igurisha ry'ibintu, gukoresha neza no kumenya agaciro k'igihe, gukoresha amategeko ane y'ibara vuba kandi neza mu bibazo bifitanye isano n'ubuzima umunyeshuri abamo.

Buri ntego igomba kugira isuzuma, mu ntera zose zituma igerwaho. Isuzuma rero rihoraho mu nyigisho y'imibare (imikoro, amarushanwa, ibizami....).

3.4 Gukorera ababyeyi raporo y'isuzuma

Integanyayigisho ishingiyeye ku bushobozi iteganya ko ababyeyi bahabwa raporo y'intambwe abanyeshuri bagenda batera mu myigire yabo. Ntabwo amanota yonyine ahagije mu kwerekana ko abanyeshuri bageze ku bigamijwe mu ntego z'amasomo. icyafasha cyane ni ukwerekana aho abanyeshuri bagaragaza ubushobozi bugamijwe n'aho bafite intege nke hakenewe gushyirwamo imbaraga.

4. IBIKENEWE KUGIRA NGO IYI NTEGANYANYIGISHO ISHYIRWE MU BIKORWA

4.1. Imfashanyigisho

Kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishyirwe mu bikorwa ni ngombwa ko ibitabo bihagije hamwe n'izindi mfashanyigisho bigezwa mu mashuri. Hakenewe rero isomero kuri buri kigo mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho.

Kugira ngo iyi nteganyanyigisho ishyirwe mu bikorwa hazifashishwa ibikoresho bikurikira:

- Igitabo cy'imibare cy'umunyeshuri n'icy'umwarimu;
- Ibikoresho bya Jewometiri by'umunyeshuri n'iby'umwarimu;
- Mudasobwa, imbuga za Internet n'ib'indi bikoresho bya ICT (Ibikoresho bitangwa na One Laptop Per Child n'abandi);
- Impapuro nini zikomeye zo gukoramo amashushongerero atandukanye;
- Impapuro ziriho ibishushanyo binyuranye zimanikwa ku nkuta z'ishuri.

4.2. Abarimu

Hagomba abarimu bashoboye kwigisha isomo ry'Imibare no guhugura abasigaye kugira ngo bibafashe kunoza imyigishirize y' Imibare. Ni ngombwa kwita ku bwuzuzanye bw'Imibare n'izindi nyigisho/amasomo. Mu byigishwa byose, ururimi rwigishirizwamo rugomba gukoreshwa ku buryo bukwiye haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko kandi bikagendana n'ikigero cy'abanyeshuri.

Umwarimu akwiriye kumenya ibibazo n'ingorane abanyeshuri bafite kugira ngo ashobore gutanga neza isomo rye. Agomba kwita ku banyeshuri batabona neza abicaza ahababoneye kandi agakoresha inyandiko zigaragara kugira ngo bese bazibone, gukoresha ibikoresho byabugenewe bifasha abanyeshuri bo muri iki cyiciro kumva neza ibyo biga. Abafite ubumuga bwo kutumva na bo umwarimu abitaho akoresha imvugo y'amarenga kugira ngo babashe gusobanukirwa neza cyangwa avuga cyane yatura kugira ngo abanyeshuri bese babashe kumva, kandi gukoresha imfashanyigisho z'amabara atandukanye bibasha kumenya neza ibyo biga. Hari ikindi gice cy'abanyeshuri badafata vuba na cyo umwarimu agomba kwitaho byaba ngombwa akabagera umwanya wihariye kugira

ngo bashobore kujyana n'abandi. Abanyeshuri bafata vuba cyane nabo bakeneye kwitabwaho bagenerwa imyitozo y'inyongera kugirango batarambirwa no gutegereza abandi bikaba bya dindiza imyigire yabo.

5. IMITWE IGIZE IYI NTEGANYANYIGISHO

5.1 Imiterere y'integanyanyigisho y'imibare yo mu kiciro cya mbere

Iyi nteganyanyigisho ikubiyemo inyigisho z'imyaka itatu igize icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Umwaka wa mbere ugizwe n'imitwe 13, umwaka wa 2 n'uwa 3 ikagirwa n'imitwe 15 umwe umwe.

Buri mutwe ugizwe n'imbonerahamwe ikubiyemo ibi bikurikira:

- Imbumbanyigisho
- Inyigisho
- Umutwe n'umubare w'amasomo awugize
- Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe
- Intego ikubiyemo ubumenyi, ubumenyingingiro n'ubukesho
- Ibyigwa
- Ibikorwa by'umunyeshuri

Kugira ngo umunyeshuri agire uruhare mu myigire ye, hateganyijwe kandi ibikorwa by'umunyeshuri bimufasha gukora ubushakashatsi, gukorera mu matsinda kandi bigatuma yubaka ubushobozi nsanganyamasomo.

Nyuma ya buri mutwe hari ibigenderwaho mu isuzuma rigamije kugenzura ko ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe bwagezweho uko bikwiye. Hateganywa kandi imfashanyigisho umwarimu yakwifashisha kugira ngo abashe gutanga isomo rye ku buryo buboneye.

5.2. Integanyanyigisho y'umwaka wa mbere

5.2.1 Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'imibare yo mu mwaka wa mbere

Umunyeshuri urangije umwaka wa mbere ashobora:

1. Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka no kugereranya neza imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera kuri 100, gusesengura no gukoresha neza kandi byihuse amategeko y'ibara (+, -, x, :) mu mibare ishyitse y'imibare 2.
2. Gukora ikizima hifashishijwe imigabane y'ibintu bifatika no gukoresha neza imigabane $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$ mu buzima busanzwe
3. Gupima no kugereranya uburebure bw'ibintu binyuranye bitarenze m 10 no gukora imyitozo n' amahurizo yo guteranya no gukuramo muri metero.
4. Gukurikiranya iminsi y'icyumweru no gutanga ingero z' ibintu bikorwa mu minsi inyuranye y'icyumweru
5. Gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100 , kuvunja amafaranga no gukora amahurizo arimo guteranya no gukuramo
6. Gukora amatsinda y' ibintu bifatika no kugaragaza indangagaciro yo gukorera hamwe.
7. Gusesengura, gusobanura amakuru atangwa n' igishushanyo no kwerekana ingano y' ibintu hakoreshejwe igishushanyo
8. Gutandukanya kare n'urukiramende mu yandi mashusho no gutanga ingero z'ibikoresho binyuranye bifite ayo mashusho

5.2.2.Imbonerahamwe y'ibygwa/ imitwe mu mibare yo mu mwaka wa mbere

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko yaryo			INYIGISHO: Imibare ishyyitse kugera ku 100	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE 1 :Imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5		Umubare w' amasomo: 36
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE : Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka kugereranya, guteranya no gukuramo imibare ishyyitse kuva kuri 1 kugera kuri 5				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kumva no gutahura inshoza y' umubare kuva kuri 1kugera kuri 5. - Gusobanukirwa neza ikoresha ry'ibimenyetso bikoreshwa mu guteranya no gukuramo:+, - na= 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara,gusoma, kwandika no gutondeka imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5. - Gukora / gushushanya amatsinda y' ibintu binyuranye bitarenze5. - Kugereranya amatsinda y' ibintu bitarenze 5. - Guteranya no gukuramo ubara, wandika , igiteranyo / ikinyuranyo kitarenga 5 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara atibeshya, gusoma adategwa nokwandika neza imibare yizwe. - Gukoresha neza imibarekuva kuri 1 kugera 5 mu buzima bwa buri munsu - Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri munsu 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 5 - Imivugire, imisomere n' imyandikire iboneye y' imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5. - Kugereranya umubare w' ibintu bitarenze 5 - Ibiteranyo by' imibare itarenga 5 	<ul style="list-style-type: none"> - Hifashishijwe indirimbo, injyana, umurongo w'ibara, udukino mu kubara no gutondeka vuba imibare cyangwa ibintu bitandukanye biri mu matsinda, abanyeshuri basubize ibibazo byabajijwe byerekeranye nibyo babonye. urugero: Ni kangahe wabonye, ni kangahe kabura ku mubare runaka, erekana uyu mubare ...) - Umwe ku giti cye , asome umubare werekanwe ku ikarita, yerekane utubarisho tungana n' uwo mubare - Umwe ku giti cye, akoresha urutoke, yandike imibare ahantu hatandukanye mu kirere, ku ntebe ...ahereye kumirongo yizwe. - Umwe ku giti cye, agereranye amatsinda y' ibintu binyuranye yerekana ibyinshi n' ibike. - Mu matsinda, abanyeshuri bagaragazeibiteranyo by'imibare itandukanye bandika cyangwa bakoresha

<ul style="list-style-type: none"> - Guteranya imibare mu mutwe, igiteranyo ntikirenge 5. - Gukuramo imibare mu mutwe, ikinyuranyo kitarenga 5. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5 aho yanditse hose - Gutandukanya no kugereranya umubare w'ibintu bike n'ibyinshi bitarenze 5 - Gutondeka ibikorwa bye by'umunsi atarenza ibikorwa 3 kandi ahereye ku bibanza mu gitondo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza akamaro ko kwiga kubara, gusoma no kwandika imibare mu buzima bwa buri munsi - Kugira umuco wo gukorana n'abandi neza 	<ul style="list-style-type: none"> - Iteranya ry' imibare igiteranyo kitarenga 5 - Ikuramo ry' imibare ikinyuranyo kitarenga 5 - Amahurizo yo guteranya no gukuramo igiteranyo / ikinyuranyo kitarenga 5 	<p>utubarisho (urugero: $5=4+1$; $5=3+2$, $5 = 2+1+2...$)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Babiri babiri, basubize ibibazo bifatanye isano no guteranya no gukuramo babara, bandika bifashishije: utubarisho tunyuranye, ibiteranyo by'ibishushanyo, udukino two kubara mu mutwe (urugero: ongeraho rimwe, kuraho rimwe, ongeraho 2, kuramo 2),... - Mumatsinda, abanyeshuri bakore amahurizo yoroshye afatanye isano n'ubuzima bwa buri munsi. - Mu matsinda, abanyeshuri baganire ku rukurikirane rw'ibikorwa by'umunsi no ku kamaro ko kubara, gusoma no kwandika, kugereranya, gutondeka, guteranya no gukuramo imibare mu buzima bwa buri munsi.
<p>Ihuriro n'andi masomo: <i>Ikinyarwanda (gusoma no kuvuga amagambo arimo imibare), umuziki (indirimo zirimo kubara), igororangingo (udukino two kubara mu matsinda), ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse (guha nimeru amatsinda y'ibintu no kubara ibintu bitandukanye),...</i></p>				
<p>Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora kwandika no gusoma imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5, gutondeka no kugereranya imibare uva ku munini ujya ku muto cyangwa uva ku muto ujya ku munini, kubara amatsinda y'ibintu bitandukanye, gutahura imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5 mu yindi mibare, Guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Utubarisho dutandukanye (utubuye, uducupa ...), udukarita turiho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5 ...</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n’ amategeko yaryo

INYIGISHO: Imibare ishyyitse kugera 100

IMIBARE UMWAKA WA MBERE

UMUTWE 2: Imibare kuva kuri 1 kugera kuri 9

Umubare w’ amasomo:36

UBUSHOBOZI BW’INGENZI BUGAMIJWE: Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka kugereranya, guteranya imibare ishyyitse kuva kuri 1 kugera kuri 9

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by’umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Kumva no gutahura inshoza y’ umubare kuva kuri 1kugera ku 9. -Gusobanukirwa neza ibimenyetso byo kugereranya <,>= no kugereranya imibare mu mutwe. -Guteranya imibare mu mutwe igiteranyo ntikirenge 9 -Gukuramo imibare mu mutwe ikinyuranyo kitarenga 9 	<ul style="list-style-type: none"> -Kubara,gusoma, kwandika no gutondeka imibare kuva kuva kuri 1 kugera ku 9 -Gukora / gushushanya amatsinda y’ ibintu binyuranye bitarenze9 -Kugereranya amatsinda y’ ibintu bitarenze 9. -Guteranya no gukuramo ubara, wandika batarenza umubare 9. -Gusoma imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 aho yanditse hose. -Gutandukanya no kugereranya umubare w’ ibintu bike n’ 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara atibeshya, gusoma adategwa nokwandika neza imibare yizwe - Gukoresha neza imibarekuva kuri 1 kugera ku 9 mu buzima bwa buri muni - Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni - Kugaragaza akamaro ko kwiga kubara, gusoma no kwandika imibare mu buzima bwa buri muni - Kugira umuco wo 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibara ry’ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera ku 9 - Imivugire, imisomere n’imyandikire iboneye y’ imibare kuva kuri 1 kugera ku 9. - Kugereranya umubare w’ ibintu bitarenze 9 - Ibiteranyo by’ imibare itarenga 9 - Iteranya ry’ imibare igiteranyo kitarenga 9 - Ikuramo ry’ imibare ikinyuranyo kitarenga 	<ul style="list-style-type: none"> - Hifashishijwe indirimbo, injyana, umurongo w’ibara, udukino mu kubara no gutondeka vuba imibare cyangwa ibintu bitandukanye biri mu matsinda, abanyeshuri basubize ibibazo byabajijwe byerekeranye nibyo babonye. urugero: Ni kangahe wabonye, ni kangahe kabura ku mubare runaka, erekana uyu mubare ...) - Umwe ku giti cye , asome umubare werekanwe ku ikarita, yerekane utubarisho tungana n’ uwo mubare - Umwe ku giti cye, akoresha urutoke, yandike imibare ahantu hatandukanye mu kirere, ku ntebe ...ahereye ku mirongo yizwe - Umwe ku giti cye, agereranye amatsinda y’ ibintu binyuranye yerekana ibyinshi n’ ibike. - Mu matsinda, abanyeshuri bagaragaze ibiteranyo by’imibare itandukanye bandika cyangwa bakoresha utubarisho (urugero: 9=4+5; 9=3+6, 9 = 3+4+2...) - Babiri babiri, basubize ibibazo bifitanye isano no guteranya no gukuramo babara, bandika bifashishije: utubarisho tunyuranye, ibiteranyo by’ibishushanyo, udukino two kubara mu

	<p>ibyinshi bitarenze 9</p> <p>-Gutondeka ibikorwa bye by'umunsi atarenza ibikorwa 5 kandi ahereye ku bibanza mu gitondo</p> <p>-Kugereranya imibare itarenze 9 bandika kandi bakoresheje ibimenyetso.</p>	<p>gukorana n'abandi neza</p>	<p>9</p> <p>- Igereranya imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 ukoresheje ibimenyetso bya <,> na bingana.</p> <p>- Amahurizo yo guteranya no gukuramo igiteranyo / ikinyuranyo kitarenga 9</p>	<p>mutwe (urugero: ongeraho rimwe, kuraho rimwe, ongeraho 2, kuramo 2), ...</p> <p>- Mu matsinda, abanyeshuri bakore amahurizo yoroshye afitanye isano n'ubuzima bwa buri munsi</p> <p>- Mu matsinda, abanyeshuri baganire ku rukurikirane rw'ibikorwa by'umunsi no ku kamaro ko kubara, gusoma no kwandika, kugereranya, gutondeka, guteranya no gukuramo imibare mu buzima bwa buri munsi.</p>
--	--	-------------------------------	--	--

Ihuriro n'andi masomo: *Ikinyarwanda (gusoma no kuvuga amagambo arimo imibare), umuziki (indirimbo zirimo kubara), igororangingo (udukino two kubara mu matsinda), ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse (guha nimeru amatsinda y'ibintu no kubara ibintu bitandukanye),...*

Ibigenderwaho mu isuzuma: *Abanyeshuri bashobora kwandika no gusoma imibare kuva kuri 1 kugera ku 9, gutondeka no kugereranya imibare uva ku munini ujya ku muto cyangwa uva ku muto ujya ku munini , kubara amatsinda y'ibintu bitandukanye, gutahura imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 mu yindi mibare, Guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera ku 9*

Imfashanyigisho: *Utubarisho dutandukanye (utubuye, uducupa ...), udukarita turiho imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 ...*

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko yaryo
INYIGISHO: Imibare ishyitse kugera ku 100

IMIBARE UMWAKA WA MBERE

UMUTWE3 :Imibare kuva kuri 0 kugera ku 10

Umubare w' amasomo: 12

UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Gusoma no kwandika 0. Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya imibare itarenze 10.

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura, kumva no gusobanukirwa inshoza y' imibare 0 na 10 - Guteranya no gukuramo imibare mu mutwe batarenza 10 	<ul style="list-style-type: none"> -Kubara,gusoma, kwandika no gutondeka imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 -Gukora amatsinda y' ibintu binyuranye bitarenze 10, bifashishije utubarisho / ibishushanyo -Kubara no gukora urutonde rw' ibikoresho bitandukanye byo mu ishuri, hanze y'ishuri no mu rugo bitarenze 10 -Kugereranya amatsinda y' ibintu bitarenze 10 bagaragaza ibike n'ibyinshi -Kugereranya imibare 2 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara atibeshya, gusoma adategwa no kwandika neza imibare yizwe. - Gukoresha neza imibare kuva kuri 0 kugera ku10 mu buzima bwa buri muni. - Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni. - Kugaragaza akamaro ko kwiga kubara, gusoma no kwandika imibare mu buzima bwa buri muni. - Kugira umuco wo 	<ul style="list-style-type: none"> - Ishoza y'umubare 0 - Imisomere n'imyandikire y'imibare 0 na 10 - Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1kugera ku 10 - Kugereranya imibare iri muni ya 10 - Ibiteranyo by' umubare 10 - Iteranya ry' imibare igiteranyo kitarenga 10 - Ikuramo ry imibare ikinyuranyo kitarenze 10 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda, abanyeshuri bagaragaze inshoza ya zeru bakoresheje gukuramo utubarisho tugize itsinda kugeza nta gisigaye. - Hifashishijwe indirimbo, injyana, umurongo w'ibara, udukino mu kubara no gutondeka vuba imibare cyangwa ibintu bitandukanye biri mu matsinda, abanyeshuri basubize ibibazo byabajijwe byerekeranye nibyo babonye. urugero: Ni kangahe wabonye, ni kangahe kabura ku mubare runaka, erekana uyu mubare ...) - Umwe ku giti cye , agaragaze ko umubare 10 ugizwe n' imibarwa 2 (1 na 0) - Umwe ku giti cye , asome umubare werekanwe ku ikarita, yerekane utubarisho tungana n' uwo mubare - Umwe ku giti cye, akoresha urutoke, yandike imibare ahantu hatandukanye mu kirere, ku ntebe ...ahereye ku mirongo yizwe - Umwe ku giti cye, agereranye amatsinda y' ibintu binyuranye yerekana ibyinshi n' ibike.

	<p>iri muni ya 10 bandika kandi bakoresheje ibimenyetso bya <, > na =</p> <p>-Guteranya no gukuramo imi</p> <p>-bare igiteranyo/ ikinyuranyo kitarenga 10</p>	<p>gukorana n'abandi neza.</p>	<p>- Amahurizo yo guteranya no gukuramo igiteranyo / ikinyuranyo kitarenga 10</p>	<p>- Mu matsinda, abanyeshuri bagaragaze ibiteranyo by'imibare itandukanye bandika cyangwa bakoresha utubarisho (urugero: $10=4+6$; $10=3+2+5$...)</p> <p>- Babiri babiri, basubize ibibazo bifitanye isano no guteranya no gukuramo babara, bandika bifashishije: utubarisho tunyuranye, ibiteranyo by'ibishushanyo, udukino two kubara mu mutwe (urugero: ongeraho rimwe, kuraho rimwe,</p> <p>- Mu matsinda, abanyeshuri bakore amahurizo yoroshye afitanye isano n'ubuzima bwa buri muni.</p> <p>- Mu matsinda, abanyeshuri baganire ku rukurikirane rw'ibikorwa by'umuni no ku kamaro ko kubara, gusoma no kwandika, kugereranya, gutondeka, guteranya no gukuramo imibare mu buzima bwa buri muni.</p>
<p>Ihuriro n'andi masomo: <i>Ikinyarwanda (gusoma no kuvuga amagambo arimo imibare), umuziki (indirimo zirimo kubara), igororangingo (udukino two kubara mu matsinda), ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse (guha nimeru amatsinda y'ibintu no kubara ibintu bitandukanye),...</i></p>				
<p>Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora kwandika no gusoma imibare kuva kuri 0 kugera kuri 10, gutondeka no kugereranya imibare uva ku munini ujya ku muto cyangwa uva ku muto ujya ku munini , kubara amatsinda y'ibintu bitandukanye, gutahura imibare kuva kuri 0 kugera kuri 10 mu yindi mibare, Guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera ku 10</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Utubarisho tunyuranye: utubuye, udukoni, uducupa,</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko yaryo			INYIGISHO: Imibare ishyitse kugera ku 100	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE 4: Imibare kuva kuri 0 kugera 20		Umubare w' amasomo 18
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE : Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka , kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inshoza y' imibare kuvakuri 0 kugera kuri 20 - Gusobanukirwa umwanya wa buri mubare ku mibare itarenze 20 igizwe n'imibare 2 - Guteranya no gukuramo imibare mu mutwe igiteranyo/ ikinyuranyo kitarenga 20 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda y' ibintu binyuranye bitarenze 20 - Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka imibare itarenze 20 - Kubara ibikoresho bitandukanye byo mu ishuri no hanze y'ishuri - Gusoma ibyapa byanditseho imibare. Urugero: Nomero y' inzu, y' umuhanda ... - Gutandukanya ibintu bike n'ibyinshi no gutondeka imibare uva ku muto ujya 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni - Kugaragaza akamaro ko guteranya no gukuramo mu buzima bwa buri muni 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 0 kugera kuri 20 - Imivugire, imisomere n'imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 - Isesengura ry' imibare y'imibare 2 itarenze kuri 20 - Itondekan' igereranya ry' imibare kugera kuri 20 - hakoreshejwe ibimenyetso <, >, = - Iteranya ry' imibare igiteranyo kitarenga 20 - Ikuramory imibare 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora / gushushanya amatsinda y' ibintu binyuranye abanyeshuri bakabara kuva kuri 1 kugeza kuri 20, umwe umwe. - Gukora imyitozo yo gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 20 wifashishije udukarita turiho imibare itandukanye, - Mu matsinda, bateranye/ bakuremo imibare mutwe, bandika hifashishijwe udukino, utubarisho igiteranyo / ikinyuranyo kitarenga 20 - Babiri babiri, abanyeshuri babarebasubira inyuma hifashishijwe umurongo w' ibara no gutondeka imibare hakurikijwe intera runaka. - Umwe ku giti cye, agereranye amatsinda y' ibintu binyuranye

	<p>ku munini no ku munini ujya ku muto batarenza 20</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imibare itarenze 20 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi - Guteranya no gukuramo imibare itarenze 20 bandika 		<p>ikinyuranyo kitarenga 20</p> <ul style="list-style-type: none"> - Amahurizo yo guteranya no gukuramo igiteranyo / ikinyuranyo kitarenga 20 	<p>bitarenga 20 yerekana ibyinshi, ibike cyangwa ibingana, hifashishijwe ibimenyetso bya <, >, =</p> <ul style="list-style-type: none"> - Babiri babiri, basesengure imibare mo ibinyabumwe n'ibinyacumi bakoresheje ikibarisho cyangwa imbonerahamwe y' ibara - Mu matsinda, abanyeshuri bakore imyitoto yo gushaka ibiteranyo by'imibare itarenze 20 bandika cyangwa bakoresha utubarisho (urugero: $20=14+6$; $20=13+2 + 5$...) - Mumatsinda, bakore amahurizo ku iteranya n'ukuramo. - Abanyeshuri, bungurana ibitekerezo mu matsinda ku kamaro ko gukuramo no guteranya mu buzima bwa buri muni.
--	--	--	--	--

Ihuriro n'andi masomo: *Ikinyarwanda (gusoma no kuvuga amagambo arimo imibare), umuziki (indirimo zirimo kubara), igororangingo (udukino two kubara mu matsinda), ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse (guha nimeru amatsinda y' ibintu no kubara ibintu bitandukanye),...*

Ibigenderwaho mu isuzuma: *Abanyeshuri bashobora gukoraimyitoto yo Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 no gukora amahurizo afitanye isano n'ubuzima bwa buri muni*

Imfashanyigisho: *Utubarisho dutandukanye (utubuye, uducupa,...), udukarita turiho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20,.....*

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko ya ryo			INYIGISHO: Imibare ishyyitse kugera ku 100	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE5:Gukuba no kugabanya na 2		Umubare w' amasomo6
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE:Gukuba no kugabanya na kabiri igikubo kitarenga 20 n' ikigabanyo kitarenga 10				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<p>- Kumva inshoza yo gukuba na 2 hifashishwa iteranya ryisubiramo</p> <p>- Kumva inshoza yo kugabanya na 2 badasagura ikibabanyo kitarenga 10</p>	<p>- Gukuba na 2 igikubo kitarenga 20</p> <p>- Kugabanya na 2 badasagura ibintu bitarenga 20/ imibare itarenga 20</p>	<p>-Gukorana umwete no kugaragaza akamaro ko gukuba mu buzima bwa buri munsu</p> <p>-Kugaragaza akamaro ko kugabanya mu buzima bwa buri munsu</p> <p>-Kugira umuco wo gusabana no gusangira n' abandi</p>	<p>Gukuba na 2 igikubo kitarenze 20 :</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ibikubo bya 2 • Mbare nkuba na 2 • Amahurizo yo gukuba na 2 <p>Igabanya ridasagura ry'imibare itarenze 20, ikigabanyo kitarenze 10</p> <ul style="list-style-type: none"> • Mbare ngabanya na 2 • Amahurizo yo kugabanya na 2 	<p>- Mu matsinda, abanyeshuri bakora / bashushanya amatsinda y' utubarisho tubiri tubiri igiteranyo kitarenze 20 kandi bakagaragaza inshuro z'uturundo dukozwe n'utubarisho2 , nyuma bakabyandika mu mibare.</p> <p>- Gukoresha udukino n' injyana binyuranye biyanye n ' ibikubo bya 2</p> <p>- Kugabanya ibikubo bya 2 na kabiri hifashishijwe utubarisho</p> <p>- Gukora imyitozo ya mbare nkuba na mbare ngabanya na 2</p> <p>- Gukora amahurizo afitanye isano n'ubuzima bwa buri munsu yo gukuba na 2 no kugabanya na 2 badasagura</p>
Ihuriro n' andi masomo: Indimi mu gusoma n' inyunguramagambo, igororangingo.				
Ibigenderwaho mu isuzuma : Abanyeshuri bashoboragukuba no kugabanya na kabiri igikubo kitarenga 20 n' ikigabanyo kitarenga 10 no gukora amahurizo afitanye isano n'ubuzima bwa buri munsu				
Imfashanyigisho: Utubarisho dutandukanye (utubuye, uducupa ...), udukarita turiho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20,....				

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko ya ryo**INYIGISHO: Imibare ishyitse kugera ku 100**

IMIBARE UMWAKA WA MBERE

UMUTWE6: Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50

Umubare w' amasomo24

UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE:Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka , kugereranya, gusesengura,guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0kugera kuri 50

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inshoza y' imibare kuva kuri 0 kugera ku 50 - Gusobanukirwa umwanya wa buri mubarwa ku mibare itarenze 50 igizwe n'imibarwa 2 - Guteranya no gukuramo imibare itarenze 50 mu mutwe 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda y' ibintu binyuranye bitarenze 50 - Gusoma, kwandika, gutondeka imibare itarenze 50 - Kubara ibikoresho bitandukanye byo mu ishuri, hanze y'ishuri no mu rugo batarenza umubare50 - Gutandukanya ibintu bike n' ibyinshi bitarenze 50 - Gutondeka imibare uva ku muto ujya ku munini no ku munini ujya ku muto batarengeje 50 	<ul style="list-style-type: none"> -Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni -Kwiyumvisha akamaro ko guteranya no gukuramo mu buzima bwa buri muni 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1kugera kuri 50 - Imivugire , imisomere n' imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 - Isesengura ry' imibare y'imibarwa 2 itarenze 50 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe - Itondekan'igereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 50 hakoreshejwe ibimenyetso <, > , = - Iteranya ry' imibare igiteranyo kitarenga 50 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda y' ibintu binyuranye kuva kuri 1 kugeza kuri 50 hifashishijwe utubarisho cyangwa ibishushanyo. - Gukora imyitozo yo gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 50 . - Gukoresha udukino two guteranya / gukuramo mu mutwe kuva kuri 1 kugera kuri 50 (ongeraho 10, kuraho 10, ni kangahe kabura) - Kubarabasubira inyuma hifashishijwe umurongo w' ibara n'injyana. - Gukora imyitozo yo gutondeka bakurikiranya imibare, basimbuka intera runaka cyangwa bakoresheje umurongo w'ibara. - Kugereranya amatsinda y' ibintu binyuranye bitarenga 50 berekana ibyinshi n' ibike no kugereranya bandika bifashishije ibimenyetso bya <, > na = - Gusesengura imibare mo ibinyabumwe n'ibinyacumi bakoresheje igishushanyo cy'ikibarisho n' imbonerahamwe y'ibara

	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imibare itarenze 50 mo ibinyabumwe n' ibinyacumi - Guteranya no gukuramo imibare igiteranyo/ ikinyuranyo kitarenze 50 		<ul style="list-style-type: none"> - Ikuramo ry imibare ikinyuranyo kitarenga 50 - Amahurizo yo guteranya no gukuramo igiteranyo / ikinyuranyo kitarenga 50 	<ul style="list-style-type: none"> - Mu matsinda abanyeshuri bakora imyitozo yo gushaka ibiteranyo by'imibare itarenze 50 (urugero: 50= 40+ 10,..... - Gukora amahurizo yo mubuzima busanzwe afitanye isano n' iteranya n' ikuramo no Kungurana ibitekerezo ku kamaro ko gukuramo no guteranya mu buzima busanzwe
<p>Ihuri n' andi masomo: <i>Ikinyarwanda (gusoma no kuvuga amagambo arimo imibare), umuziki (indirimo zirimo kubara), igororangingo (udukino two kubara mu matsinda), ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse (guha nimeru amatsinda y' ibintu no kubara ibintu bitandukanye),...</i></p>				
<p>Ibigerwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashoborakubara, gusoma, kwandika, gutondeka , kugereranya, gusesengura,guteranya no gukuramo imibare kuva kuri Okugera kuri 50 no gukora amahurizo afitanye isano n'ubuzima bwa buri muni</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Utubarisho dutandukanye (utubuye, uducupa,....), udukarita turiho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 50</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko ya ryo

INYIGISHO: Imibare ishyitse

IMIBARE UMWAKA WA MBERE

UMUTWE7: Imibare kuva kuri 0 kugera ku 100

Umubare w' amasomo 24

UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, gusesengura, guteranya no gukuramo imibare kuva 0 kugera kuri 99

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inshoza y' imibare kuvakuri 0 kugera ku 99 - Gusobanukirwa umwanya wa buri mubarwa ku mibare itarenze 99 igizwe n'imibarwa 2 - Guteranya no gukuramo imibare itarenze 99 mu mutwe 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda y' ibintu binyuranye bitarenze 100 - Kubara ibikoresho bitandukanye byo mu ishuri, hanze y'ishuri no mu rugo batarenza umubare 100 - Gusoma, kwandika, gutondeka imibare itarenze 99. - Gutandukanya ibintu bike n'ibyinshi bitarenze 100 - Gutondeka imibare uva ku muto ujya ku munini no ku munini ujya ku 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri munsu - Kwiyumvisha akamaro ko guteranya no gukuramo mu buzima bwa buri munsu 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibara ry'ibintu mu matsinda kuva kuri 1 kugera kuri 100 - Imivugire, imisomere n' imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99 - Isesengura ry' imibare y'imibarwa 2 itarenze 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe - Itondekan'igerereranya ry'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99 hakoreshejwe ibimenyetso <, >, = - Iteranya ry' imibare 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda y' ibintu binyuranye kuva kuri 1 kugeza kuri 100 hifashishijwe utubarisho cyangwa ibishushanyo. - Gukora imyitotozo yo gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugeza kuri 99. - Gukoresha udukino two guteranya / gukuramo mu mutwe kuva kuri 1 kugera kuri 100 (ongeraho 10, kuraho 10, ni kangahe kabura) - Kubarabasubira inyuma hifashishijwe umurongo w' ibara n'injyana. - Gukora imyitotozo yo gutondeka bakurikiranya imibare, basimbuka intera runaka cyangwa bakoresheje umurongo w'ibara. - Kugereranya amatsinda y' ibintu binyuranye bitarenze 100 berekana ibyinshi n' ibike no kugereranya bandika bifashishije ibimenyetso bya <, > na = - Gusesengura imibare mo ibinyabumwe n'ibinyacumi bakoresheje ikibarisho n' imbonerahamwe y'ibara - Mu matsinda abanyeshuri bakora imyitotozo

	<p>muto batarengeje 99</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imibare itarenze 99 mo ibinyabumwe n' ibinyacumi - Guteranya no gukuramo imibare igiteranyo/ ikinyuranyo kitarenze 99 		<p>igiteranyo kitarenze 99</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ikuramo ry imibare ikinyuranyo 99 - Amahurizo yo guteranya no gukuramo igiteranyo / ikinyuranyo kitarenze 99 	<p>yo gushaka ibiteranyo by'imibare itarenze 99 (urugero: 80= 50+ 30,.....</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gukora amahurizo yo mubuzima busanzwe afitanye isano n' iteranya n' ikuramo no Kungurana ibitekerezo ku kamaro ko gukuramo no guteranya mu buzima busanzwe
<p>Ihuriro n' andi masomo: <i>Ikinyarwanda (gusoma no kuvuga amagambo arimo imibare), umuziki (indirimo zirimo kubara), igororangingo(udukino two kubara mu matsinda), ubumenyi n'ikorabuhanga riciriritse (guha nimeru amatsinda y' ibintu no kubara ibintu bitandukanye),...</i></p>				
<p>Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashoborakubara, gusoma, kwandika, gutondeka , kugereranya, gusesengura,guteranya no gukuramo imibare kuva kuri Okugera kuri 99 no gukora amahurizo afitanye isano n'ubuzima bwa buri muni</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Utubarisho dutandukanye (utubuye, uducupa,...), udukarita turiho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 99</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko ya ryo			INYIGISHO: Imigabane	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE 8:Imigabane $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$		Umubare w' amasomo 6
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kwerekana kimwe cya kabiri na kimwe cya kane cy' ikizima				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inshoza y'umugabane - Kugaragaza kimwe cya kabiri na kimwe cya kane cy' ikizima - Kwandika no gusoma kimwe cya kabiri na kimwe cya kane 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugabanya ikizima mo ibice 2 bingana - Kugabanya ikizima mo ibice 4 bingana - Kwerekana ibigize umugabane w' ikizima 	<ul style="list-style-type: none"> Kugaragaza umuco wo gusangira n'abandi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Inshoza y' umugabane - Ibice bigize umugabane - Imisomere n' imyandikire ya $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$ 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha urupapuro rwuzuye nk ' ikizima kimwe: <ul style="list-style-type: none"> o Guhina urupapuro mo ibice 2 cyangwa 4 bingana o Kwerekana $\frac{1}{2}$ cyangwa $\frac{1}{4}$ o Guhuza imigabane bakora ikizima kimwe - Kwifashisha ibishushanyo hakerekanwa imigabane $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$ hakoreshejwe amabara atandukanye - Kwitoza gusoma no kwandika buri mugabane no Kwerekana ibice bigize buri mugabane - Kuganira ku migabane n'aho ikoreshwa mu buzima bwa buri muni
Ihuriro n' andi masomo: Indimi: mu gusoma n' inyunguramagambo, Ubumenyirusange.				
Ibigenderwaho mu isuzuma: Abanyeshuri bashobora gusoma , kwandika , gushushanya no kwerekana imigabane $\frac{1}{2}$ na $\frac{1}{4}$				
Imfashanyigisho: urupapuro, amacunga, amakaramu y' amabara atandukanye,				

IMBUMBANYIGISHO: Alijeburi			INYIGISHO: Urukurikirane rw' ibara	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE9: Urukurikirane rw' ibara		Umubare w' amasomo 6
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Gutahura umubare ubura mu rukurikirane rw' ibara n' uburyo uboneka ku mibare y' umubarwa umwe cyangwa imibarwa 2				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutondeka imibare hakurukijwe amabwiriza - Gutahura umubare ubura mu rukurikirane rw' ibara bateranya cyangwa bakuramo - Kuvumbura umubare ukurikiraho mu itonde ry' intera izwi - Gutahura intera iri hagati y' imibare 2 ikurikirana mu itonde 	<ul style="list-style-type: none"> Gukora urutonde rw' imibare ihana intera idahinduka 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza ubushishozi mu mitekerereze - Gukorera kuri gahunda mu buzima bwa buri muni 	<ul style="list-style-type: none"> - Inshoza y' urutonde rw' ibara bateranya cyangwa bakuramo - Itahura ry' intera idahinduka mu rukurikirane rw' ibara - Urukurikirane rw' ibara rushingiye ku iteranya n' ikuramo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda y'utubarisho tunyuranye duhana intera ingana - Gutondeka ibintu binyuranye hakurukijwe ingano, ibara, ishusho, - Gutahura ikinyuranyo kiri hagati y' amatsinda akurikiranye - Kwifashisha ibishushanyo mu gutondeka utubarisho mu matsinda - Kugaragaza urukurikirane rw' ibara ruhana intera idahinduka ku murongo w' ibara bateranya cyangwa bakuramo - Gusesengura urukurikirane rw' ibara bashaka itegeko ngenderwaho mu kubona umubare ukurikiraho. - Gukora imyitozo kuri mbare bateranya cyangwa bakuramo. - Gukoresha udukino tunyuranye mu gutahura imibare ibura mu rukurikirane rw' ibara rw' iteranya cyangwa ikuramo
Ihuriro n' andi masomo: Igororangingo, ubumenyi n' ikoranabuhanga				
Ibigenderwaho mu isuzuma: Abanyeshuri bashobora gutahura umubare ubura mu rukurikirane rw' ibara n' uburyo uboneka ku mibare y' umubarwa 1 cyangwa imibarwa 2.				
Imfashanyigisho: Utubarisho tunyuranye, amakarita y' ibara, amakarita y'ibishushanyo binyuranye				

IMBUMBANYIGISHO: INGERO N' AMAFARANGA			INYIGISHO: Ingero z' uburebure	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE10: Gupima uburebure butarenze m 10		Umubare w' amasomo12
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE:Gupima, kugereranya uburebure bw' ibintu binyuranye bitarenza m10,gukora imyitozo y' iteranya n' ikuramo				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inshoza y'uburebure n' inshoza ya metero - Guteranya no gukuramo ingero z' uburebure batarenza m 10 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugereranya uburebure bw' ibintu binyuranye bireshya n'ibisumbana batarenza m 10 - Gupima ibintu bitandukanye bakoresheje intambwe z'intoki cyangwa z'amaguru, ibirenge, udukoni nyuma hagakoreshwa metero - Gutandukanya ibintu binyuranye hakurikijwe uburebure bwabyo - Kwandika no gusoma uburebure bw'ibintubapimye 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwiyumvisha impamvu hakoreshwa ingero z' uburebure mu gupima - Gupima uburebure bw'ibintu neza kandi atibeshya - Gukoresha ukuri mu gupima 	<ul style="list-style-type: none"> - Urugero fatizo rw'ingero z'uburebure (Metero) - Ibikoresho byo gupima uburebure muri metero: (Metero bushumi: ikoreshwa n'abadozi; Metero buhine : ikoreshwa n'ababaji; metero ya mwarimu) - Gupima uburebure bwa m 10 ukoresheje metero - Imyandikire n' imisomerey' ingero z'uburebure muri metero - Igereranya, iteranya n' ikuramo by' ingero z' uburebure butarenza m 10 - Amahurizo ku ngero z' uburebure 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutondekanya no kugereranya ibintu bifite uburebure butandukanye berekana ikirekire n'ikigufi - Gupimisha intambwe z'intoki cyangwa z'amaguru, ibirenge, udukoni ; uburebure butandukanye butarenze m 1 - Gupimisha irati ya metero nk'urugero fatizo rw 'uburebure no kugereranya uburebure muri metero (uburebure bw'icyumba cy'ishuri,.....) - Gupima intera kuva kuri m1kugeza kuri m 10 herekanwa uko buri ntera ireshya - Kwandika no gusoma uburebure bapimye muri metero - Gukora imyitozo n'amahurizo yo kugereranya, guteranya no gukuramo batarenza m 10 - Kuganira ku kamaro ko gukoresha ingero zuburebure n'aho zikoreshwa mu buzima busanzwe

	muri metero.			- Gusura inzu y'ubudozi, aho bubaka cyangwa ahandi hantu hafi y'ishuri hakoreshe ibikoresho byo gupima uburebure kugirango bamenye akamaro kabyo
Ihuriro n'andi masomo: <i>Ikinyarwanda mu gusoma no kuvuga, Igororangingo, ubugeni.</i>				
Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashoboragupima, kugereranya, gusoma, kwandika, guteranya no gukuramo uburebure bw'ibintu binyuranye butarenga m 10.</i>				
Imfashanyigisho: <i>Irati ya metero, imigozi, udukoni,</i>				

IMBUMBANYIGISHO: Ingero n' amafaranga			INYIGISHO: Ingero z'igihe	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE11: Ibice by'ingenzi by' umunsi n' iminsi y'icyumweru		Umubare w' amasomo12
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Gutondeka, kugereranya ibice by' ingenzi by' umunsi , iminsi y' icyumweru n' ibikorwa by' ingenzi bya buri munsi				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Kumenya no gutandukanya ibice by' ingenzi by'umunsi n' iminsi y' icyumweru -Guhuza ibikorwan'ibice by' umunsi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutondeka ibice by' ingenzi by' umunsi n' iminsi y' icyumweru - Kugaragaza ibiranga ibice by' ingenzi by' umunsi no gukurikiranya iminsi y' icyumweru - Gutanga ingero z' ibintu bikorwa mu minsi inyuranye y'icyumweru - Guhitamo igikorwa cy'ingenzi mu byo akora buri munsi. - Kuvuga gahunda y'umunsi n' icyumweru 	<ul style="list-style-type: none"> - Guha agaciro igihe no kugikoresha neza - Kugaragaza gahunda mu buzima bwa buri munsi - 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibice by'ingenzi bigizeumunsi: igitondo, amanywa, umugoroba, ijoro. - Ibiranga ibice by'ingenzi bigize umunsi - Iminsi y'icyumweru n'ibikorwa by'ingenzi bya buri munsi w'icyumweru 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura ibice by'ingenzi bigize umunsi bahereye ku gishushanyo kigaragaza ibice by'umunsi cyangwa hifashishijwe inkuru ivuga ibikorwa bitandukanye by'umunsi - Kuganira mu matsinda ku bintu biranga buri gice cy'umunsi n' ibikorwa bijyana. - Kuganira mu matsinda ku minsi igize icyumweru. - Kugaragaza iminsi y'icyumweru ukoresheje indangaminsi - Gutondeka neza iminsi y'icyumweru ukoresheje indirimbo. - Kuganira mu matsinda ku byo bakora kuri buri munsi w'icyumweru no guhuza ibikorwa n'igicecy' umunsi cyangwa umunsi w' icyumweru.
Ihuriro n' andi masomo: Ikinyarwanda mu gusoma n' inyunguramagambo.				
Ibigenderwaho mu isuzuma: Abanyeshuri bashobora guhuza iminsi y' icyumweru n' ibikorwa bya buri munsi.				
Imfashanyigisho: Igishushanyo cy'ibice by'ingenzi by'umunsi, indangaminsi ...				

IMBUMBANYIGISHO : Ingero n' amafaranga			INYIGISHO: Amafaranga y' urwanda kugera ku F100	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE12: Amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 - F100		Umubare w' amasomo 6
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE : Gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 - F100 n'imyitozo ku igura n' igurisha				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya amafaranga y' u Rwanda kuva ku F1kugera ku F100 - Kumva agaciro k'amafaranga y'u Rwanda kugera kuF 100 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha nezaamafaranga y'u Rwanda kuva ku F 1kugera ku F100 mu kugura ibintu binyuranye - Kugaragaza agaciro k'amafaranga y' u Rwanda kugera ku F100 mu mikoreshereze yayo - Gutanga ingero z'uko amafaranga ashobora gukoreshwa mu kugura ibintu bikenewe 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira umuco w'ubunyanga mugayo mu gukoresha amafaranga. - Kugira umuco wo kudasesagura mu gukoresha neza amafaranga 	<ul style="list-style-type: none"> - Amafaranga y'u Rwanda kuva ku ifaranga 1 kugera ku mafaranga 100 n'ibiyaranga - Kuvunja, guteranya no gukuramo amafaranga kugera ku F100 - Agaciro n' akamaro k'amafaranga mu kugura no kugurisha ibintu bitandukanye 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amafaranga bakayatandukanya bakurikije ibiyaranga (ingano, ibishushanyo, amabara n'imibare kuva ku F1 kugera ku F100) - Gukoresha ibishushanyo n'amafoto mu kugaragaza ibiranga amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100. - Gushushanya amafaranga bakoresheje ikaramu y'igiti n'urupapuro. - Gukina udukino two guteranya no gukuramo amafaranga mu mutwe - Gukora imyitozo n' amahurizo yo kuvunja, guteranya no gukuramo amafaranga kugera ku F100. - Gutanga ibitekerezo ku ikoreshwa ry'amafaranga (urugero: ufite amafaranga 100 wagura iki?)
Ihuriro n' andi masomo: <i>Ikinyarwanda mu gusoma no mu nyunguramagambo ...</i>				
Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora gutandukanya amafaranga y'u Rwanda no kugaragaza uko akoreshwa mu buzima busanzwe</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibiceri by'amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F100.</i>				

IMBUMBANYIGISHO:Ibyerekezo n'amashushongero			INYIGISHO:Ibyerekezo n'imirongo	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE13:Kuranga Aho ibintu biherereye n'imirongo		Umubare w' amasomo12
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kuranga aho ibintu biherereye n'imirongo inyuranye				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kumenya amerekezo - Gutandukanya no guca imirongo inyuranye 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuranga aho ibintu biherereye - Kuyobora umuntu ukoresheje amerekezo - Kwerekana imirongo itandukanye ku byo abona mu ishuri no hanze y' ishuri - Guca imirongo igororotse, ifunze, - Gushyira utudomo ku murongo ufunze 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira ubushishozi no - kugaragaza umuco wo kunoza ibyo ukora 	<ul style="list-style-type: none"> - Amerekezo no kuranga aho ibintu biherereye : hasi, hejuru, iburyo, ibumoso, hepfo, haruguru, hirya no hino - Amoko y' imirongo: imirongo igororotse, imirongo ifunze , imirongo ifunguye, imirongo ihese n' ivunaguye - Utudomo imbere , inyuma no ku murongo ufunze 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha imikino n'indirimbo mu gutahura amerekezo - Kuranga aho ibikoresho biherereye mu ishuri - Gutahura amoko y' imirongo hifashishijwe ibintu biri mu ishuri - Kwifashisha udukino mu kwerekana imirongo itandukanye - Gukorera mu matsinda bakaganira ku kamaro k'imirongo mu buzima bwa buri muni. - Kuganira mu matsinda ku merekezo n'akamaro ko kumenya amerekezo.
Ihuriro n' andi masomo: <i>Ikinyarwanda mu gusoma no kuvuga, Igororangingo mu mikino itandukanye n' ubugeni mu gushushanya.</i>				
Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora kuranga aho ibintu biherereye, guca imirongo inyuranye</i>				
Imfashanyigisho: <i>Ibikoresho binyuranye (ameza, intebe, amacupa,...), imetero, uducamurongo.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: Ibyerekezo n'amashushongero			INYIGISHO: Imfuruka n'amashushongero	
IMIBARE UMWAKA WA MBERE		UMUTWE14: Imfuruka igororotse, kare n'urukiramende		Umubare w' amasomo18
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Gutahura imfuruka igororotse, kare n' urukiramende mu yandi mashusho no kubishushanya				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
-Kuvuga no kugaragaza ibiranga imfuruka igororotse -Kuvuga no kugaragaza ibiranga kare -Kuvuga no kugaragaza ibiranga urukiramende	-Kwerekana imfuruka ku bintu bitandukanye mu ishuri no hanze y'ishuri -Gushushanya imfuruka igororotse -Gutandukanaya kare n' urukiramende mu yandi mashusho -Gutanga ingero z' ibikoresho bifite ishusho ya kare cyangwa urukiramende mu ishuri no hanze y ishuri -Gushushanya kare n' urukiramende	Kugira umuco wo kwitegereza no gushishoza mbere yo gufata icyemezo	Imfuruka igororotse: <ul style="list-style-type: none"> Ibiranga imfuruka igororotse Gushushanya imfuruka igororotse Kare n'urukiramende: <ul style="list-style-type: none"> Ibiranga kare n' urukiramende Gushushanya kare n'urukiramende 	-Gutahura no gushushanya imfuruka igororotse ahantu hatandukanye (Urugero:Kugaragaza imfuruka igororotse hakoreshejwe inguni,...) -Kuganirira mu matsinda aho imfuruka igororotse ikoresha mu buzima bwa buri muni.(urugero: kubaka inzu, ameza, ...) -Gutahura inshoza ya kare n' iy' urukiramende hifashishijwe amashusho anyuranye, n' ibintu bitandukanye -Kuvangura kare n' urukiramende mu yandi mashusho -Gushushanya kare n' urukiramende mu makayi hifashishijwe ikinyatuzu bahuza utudumo twatanzwe -Gukina udukino tunyuranye kuri kare n' urukiramende -Kuganira mu matsinda ku bikoresho bifite ishusho ya kare cyangwa y' urukiramende

Ihuriro n'andi masomo: Ikinyarwanda mu gusoma no kuvuga, ubumenyi n'ikoranabuhanga, ubugeni mu gushushanya no gukora ibihangano byoroshye

Ibigenderwaho mu isuzuma: Abanyeshuri bashobora gutahura imfuruka igorotse, kare n'urukiramende mu yandi mashusho, kubishushanya no kugaragaza aho bikoresha mu buzima bwa buri muni

Imfashanyigisho: Inguni, metero, agacamurongo, ikinyatuzu gishushanyije ku rupapuro rukomeye.

5.3. Integanyanyigisho y'Umwaka wa Kabiri

5.3.1 Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'imibare yo mu Mwaka wa Kabiri

Umunyeshuri urangije umwaka wa kabiri ashobora:

1. Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka no kugereranya neza imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera ku 1000, gusesengura no gukoresha neza kandi byihuse amategeko y'ibara (+, -, x, :) mu mibare ishyitse y'imibarwa 3.
2. Gupima no kugereranya uburebure bw'ibintu binyuranye muri m, cm na dm, guhindura ingero z'uburebure kuva kuri m kugera kuri cm no gukora imyitoto n'amahurizo yo guteranya no gukuramo.
3. Gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F1000, kuvunja amafaranga no gukora amahurizo arimo guteranya no gukuramo
4. Gusesengura, gusobanura amakuru atangwa n'igishushanyo no kwerekana ingano y'ibintu hakoreshejwe igishushanyo
5. Gutandukanya kare n'urukiramende mu yandi mashusho no gutanga ingero z'ibikoresha binyuranye bifite ayo mashusho
6. Gushaka imibare ibura mu rukurikirane rw'ibara no gusobanura uko iyo imibare iboneka ku mibare y'imibarwa 3.
7. Kwerekana, kwandika no gusoma $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$ cy'ikizima no gukora imyitoto n'amahurizo bifitanye isano n'ubuzima bwa buri muni
8. Gupima no kugereranya uburemere bw'ibintu binyuranye bitarenze kg 1, kwandika no gusoma ingero z'uburemere muri kg no kugaragaza aho kg ikoresha mu buzima busanzwe
9. Gupima no kugereranya ibikoresha binyuranye muri litiro no gukora imyitoto n'amahurizo yo guteranya no gukuramo muri litiro
10. Gukurikiranya iminsi y'icyumweru n'amezi y'umwaka, gusoma no kuvuga igihe cyerekanwa n'isaha
11. Guca imirongo inyuranye, no kuyerekana ku mashusho yatanze, gushushanya imfuruka no gutanga ingero z'aho imfuruka ziboneka mu buzima busanzwe
12. Gushushanya no kuranga urukiramende, kare na mpandeshatu no gushaka umuzenguruko wabyo

5.3.2 Imbonerahamwe y'ibygwa/ imitwe mu mibare yo mu Mwaka wa Kabiri

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko ya ryo			INYIGISHO: Imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera ku 1000	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE1: Imibare kuva kuri 0 kugera 200		Umubare w' amasomo 24
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, kukuba no kugabanya imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera kuri 200				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<p>- Kugaragaza no gusobanura umwanya n'agaciro ka buri mubarwa mu mibare igizwe n'imibarwa 3</p> <p>- Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200</p> <p>- Guteranya no gukuramo vuba imibare itarenga 200</p> <p>- Gukubisha 2, 3</p>	<p>- Kubaraatibeshya gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 1 kugera kuri 200.</p> <p>- Gusoma neza ahanditse imibare itarenze 200 (Urugero: Numero y' inzu, y' umuhanda, ibyapa, ...)</p> <p>- Gutondeka imibare kuva kuri 1 kugera kuri 200 kuva ku muto ujya ku munini no kuva ku munini ujya ku mutobandika .</p>	<p>- Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri munsi.</p> <p>- Kugaragaza akamaro ko guteranya, gukuramo, kukuba no kugabanya mu buzima bwa buri munsi.</p>	<p>Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 200 :</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ibara ry' amatsinda y' ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 200 • Imivugire, imisomere n' imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera 200 (mu mibare no mu magambo) <p>Gusesengura, Gutondeka no kugereranya imibare itarenze 200 :</p> <ul style="list-style-type: none"> ○ Gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi, ibinyajana ○ Itondeka ry'imibare kuva ku ijana kugera kuri 200 (kuva ku munini ujya ku muto, uva ku muto ujya ku munini) 	<p>- Guhera ku kirindo cy'utubarisho 100 bakagenda bongeraho akabarisho kamwe kamwe kugirango batahure imibare kuva ku 100 kugera ku 110 .</p> <p>- Kubara mu macumi kugera kuri 200</p> <p>- Kwifashisha indirimbo mu kubara no gutondeka imibare kuva kuri 200 bagenda babara mu macumi</p> <p>- Gutoza abanyeshuri kubarabasubira inyuma ukoresheje umurongo w'imibare</p> <p>- Gusoma umubare werekanwe ku ikarita no kuwerekana hifashishijwe ikibarisho.</p> <p>- Gutondeka imibare ukoresheje umurongo w'ibara</p> <p>- Kwandika no gusesengura imibare kuva kuri 200 bakoresheje ikibarishocyangwa imbonerahamwe y'ibara .</p> <p>- Kwifashisha amakarita yanditseho imibare mu gukora imibare itandukanye, kuyitondeka,</p>

<p><i>imibare kuva kuri 0 kugera ku 10</i></p> <p><i>-Kugabanya na 2 , 3</i></p> <p><i>ikigabanywa kitarenga 30 kandi badasagura</i></p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusesengura imibare itarenze 200 mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana - Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 200 - Guteranya igiteranyo kitarenga 200 no gukuramo imibare iri muni ya 200 - Gukuba imibare y'imibarwa ibiri na 2 na 3 igikubo kitarenga 200 - Kugabanya badasagura imibare na 2 cyangwa na 3 ikigabanywa kitarenga 30 		<ul style="list-style-type: none"> o Igereranya ry'imibare itarenze 200 hakoreshejwe ibimenyetso <, >, = Iteranya n'ikuramo ry'imibare itarenze 200 : <ul style="list-style-type: none"> o Iteranya ritabitsa o Iteranya ribitsa o Ikuramo ridatira o Ikuramo ritira o Imyitoto n'amahurizo byo guteranya no gukuramo bijyanye n'ubuzima busanzwe. Gukuba no kugabanya : <ul style="list-style-type: none"> o Mara ya 2 n'ibikubo bya 2 batarenze 20 o Mara ya 3 n'ibikubo bya 3 batarenze 30 o Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 2 na 3 batabitsa o kugabanya badasagura imibare iri muni ya 200 o Imyitoto n'amahurizo byo gukuba no kugabanya 	<p>kuyisoma no kuyandika(Bishobora gukorwa mu buryo bw' umukino)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha ikibarisho mu kugereranya imibare - Gutanga ibitekerezo ku dukuru tw'imibare tujyanye no kugereranya imibare itarenze 200. - Guteranya no gukuramo wifashishije udukino two kubara mu mutwe (ongeraho 10, kuraho 10...) - Gukora amahurizo yo guteranya no gukuramo ajyanye n'ubuzima bwa buri muni. - Kwifashisha iteranya ry isubiramo mu kugaragaza ibikubo bya 2 n'ibya 3 no gukora imyitoto ya mbare nkuba na kabiri na mbare nkuba 3 - Mu matsinda , abanyeshuri bagabanye na 2 cyangwa na 3 bifashishije utubarisho cyangwa bahereye ku bikubo bya 2 n' ibya 3 kandi bagaragaze akamaro ko gukuba no kugabanya mu buzima bwa buri muni. - Gukora imyitoto yo gukuba no kugabanya badasagura umubare w'imibarwa 2 na 2 cyangwa 3kandi bahereye ku mahurizo ajyanye n'ubuzima bwa buri muni .
<p>Ihuriro n'andi masomo: <i>Ikinyarwanda mu gusoma, kuvuga no kwandika, igororangingo mu gukorera mu matsinda, ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse mu guha nimeru amatsinda y' ibintu no kubara ibintu bitandukanye n'ubumenyi rusange mu bibarurwa.</i></p>				
<p>Ibigererwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera kuri 200</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Utubarisho dutandukanye, amakarita yanditseho imibare</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO:Ibara n’ amategeko ya ryo

INYIGISHO:Imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera ku 1000

IMIBARE UMWAKA WA KABIRI

UMUTWE 2:Imibare kuva kuri 0 kugera 500

Umubare w’ amasomo24

UBUSHOBOZI BW’INGENZI BUGAMIJWE: Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera kuri 500

Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by’umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza no gusobanura umwanya n’agaciro ka buri mubarwa mu mibare igizwe n'imibarwa 3 - Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500 - Guteranya no gukuramo vuba imibare itarenze 500 - Gukubisha 4, 5 imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 - Kugabanya na 4, 5 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara atibeshya gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 1 kugera kuri 500. - Gusoma neza ahanditse imibare itarenze 500(Urugero: Numero y’ inzu, y’ umuhanda, ibyapa, ...) - Gutondeka imibare kuva kuri 1 kugera kuri 500 kuva ku muto ujya ku munini no kuva ku munini ujya ku mutobandika . - Gusesengura imibare itarenze 500 mo ibinyabumwe, 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni. - Kugaragaza akamaro ko guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya mu buzima bwa buri muni. 	<p>Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 500 :</p> <ul style="list-style-type: none"> •Ibara ry’ amatsinda y’ ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 500 •Imivugire , imisomere n’ imyandikire y’ imibare kuva kuri 0 kugera500 (mu mibare no mu magambo) <p>Gusesengura, Gutondeka no kugereranya imibare itarenze 500 :</p> <ul style="list-style-type: none"> ○ Gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi , ibinyajana ○ Itondeka ry'imibare kuva ku ijana kugera kuri 500 (kuva ku munini ujya ku muto, uva ku muto ujya ku munini) ○ Igereranya ry'imibare itarenze 500 hakoreshejwe 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha imifungo y’ utubarisho 100 bakabara mu majana kugera kuri 500 - Kwifashisha indirimbo mu kubara no gutondeka imibare kuva kuri 500 bagenda babara mu macumi - Gutoza abanyeshuri kubarabasubira inyuma ukoresheje umurongo w'imibare - Gusoma umubare werekanwe ku ikarita no kuwerekana hifashishijwe ikibarisho. - Gutondeka imibare ukoresheje umurongo w'ibara - Kwandika no gusesengura imibare kuva kuri 500 bakoresheje ikibarishocyangwa imbonerahamwe y'ibara . - Kwifashisha amakarita yanditseho imibare mu gukora imibare itandukanye, kuyitondeka, kuyisoma no kuyandika(Bishobora gukorwa mu buryo bw’ umukino) - Kwifashisha ikibarisho mu kugereranya imibare - Gutanga ibitekerezo ku dukuru tw'imibare tuyanyeye no kugereranya imibare itarenze 500. - Guteranya no gukuramo wifashshije udukino two kubara mu mutwe (ongeraho 100, kuraho

<p>imibare itarenze 50 kandi badasagura</p>	<p>ibinyacumi n'ibinyajana</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 500 - Guteranya igiteranyo kitarenga 500 no gukuramo imibare iri muni ya 500 - Gukuba imibare y'imibarwa ibiri na 2 na 3 igikubo kitarenga 200 - Kugabanya badasagura imibare na 2 cyangwa na 3 ikigabanywa kitarenga 50 		<p>ibimenyetso <, >, =</p> <p>Iteranya n'ikuramo ry'imibare itarenze 500 :</p> <ul style="list-style-type: none"> o Iteranya ritabitsa o Iteranya ribitsa o Ikuramo ridatira o Ikuramo ritira o Imyitozo n'amahurizo byo guteranya no gukuramo bijyanye n'ubuzima busanzwe. <p>Gukuba no kugabanya :</p> <ul style="list-style-type: none"> o Mara ya 4 n'ibikubo bya 4 batarenza 40 o Mara ya 5 n'ibikubo bya 5 batarenza 50 o Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 4 na 5 batabitsa o kugabanya badasagura imibare iri muni ya 500 o Imyitozo n'amahurizo byo gukuba no kugabanya 	<p>100...)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gukora amahurizo yo guteranya no gukuramo ajoye n'ubuzima bwa buri muni. - Kwifashisha iteranya ry isubiramo mu kugaragaza ibikubo bya 4 n'ibya 5 no gukora imyitozo ya mbare nkuba na 4 , mbare nkuba na 5 - Mu matsinda , abanyeshuri bagabanye na 4 cyangwa na 5 bifashishije utubarisho cyangwa bahereye ku bikubo bya 4 n' ibya 5 kandi bagaragaze akamaro ko gukuba no kugabana mu buzima bwa buri muni. - Gukora imyitozo yo gukuba no kugabanya badasagura umubare w'imibarwa 2 na 4 cyangwa 5 kandi bahereye ku mahurizo ajoye n'ubuzima bwa buri muni .
---	--	--	--	---

Ihuriro n'andi masomo: *Ikinyarwanda mu gusoma, kuvuga no kwandika, , igororangingo mu gukorera mu matsinda, ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse mu guha nimeru amatsinda y' ibintu no kubara ibintu bitandukanye n'ubumenyi rusange mu bibarurwa.*

Ibipimo by'isuzuma: *Abanyeshuri bashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera kuri 500*

Imfashanyigisho: *Utubarisho dutandukanye, amakarita yanditseho imibare*

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko yaryo			INYIGISHO: Imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera ku 1000	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE3:Imibare kuva kuri 0 kugera ku1000		Umubare w' amasomo54
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kubara kuva kuri 0 kugera ku 1000, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kuva 0 kugera kuri 999				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza no gusobanura umwanya n'agaciro ka buri mubarwa mu mibare igizwe n'imibarwa 3 - Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 999 - Guteranya no gukuramo vuba imibare itarenga 1000 - Gukubisha 6 imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 - Kugabanya na 6 	<ul style="list-style-type: none"> -Kubaraatibeshya gusoma no kwandika neza imibare kuva kuri 1 kugera kuri 999. -Gusoma neza ahanditse imibare itarenze 1000 (Urugero: Numero y' inzu, y' umuhanda, ibyapa, ...) -Gutondeka imibare kuva ku 1 kugera kuri 1000 kuva ku muto ujya ku munini no kuva ku munini ujya ku mutobandika . 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni. - Kugaragaza akamaro ko guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya mu buzima bwa buri muni. 	<p>Kubara, gusoma no kwandika imibare:</p> <ul style="list-style-type: none"> •Ibara ry' amatsinda y' ibintu mu majana kugera kuri 1000 •Imivugire, imisomere n' imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera1000 (mu mibare no mu magambo) <p>Gusesengura, Gutondeka no kugereranya imibare itarenze 999 :</p> <ul style="list-style-type: none"> ○ Gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi , ibinyajana ○ Itondeka ry'imibare kuva ku ijana kugera kuri 999 (kuva ku munini ujya ku muto, uva ku muto ujya ku munini) ○ Igereranya ry'imibare itarenze 999 hakoreshejwe ibimenyetso <, >, = <p>Iteranya n'ikuramo ry'imibare</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha imifungo y' utubarisho 100 bakabara mu majana kugera ku 1000 - Kwifashisha indirimbo mu kubara no gutondeka imibare kugera ku1000 bagenda babara mu majana - Gutoza abanyeshuri kubarabasubira inyuma ukoresheje umurongo w'imibare - Gusoma umubare werekanwe ku ikarita no kuwerekana hifashishijwe ikibarisho. - Gutondeka imibare ukoresheje umurongo w'ibara - Kwandika no gusesengura imibare kugera kuri 999 bakoresheje ikibarisho cyangwa imbonerahamwe y'ibara . - Kwifashisha amakarita yanditseho imibare mu gukora imibare itandukanye, kuyitondeka, kuyisoma no kuyandika (Bishobora gukorwa mu buryo bw' umukino) - Kwifashisha ikibarisho mu kugereranya imibare - Gutanga ibitekerezo ku dukuru tw'imibare tujyanye no kugereranya imibare itarenze

<p>imibare itarenze 60 kandi badasagura</p> <p>- Gukuba vuba na 10, na 100 igikubo kitarenze 990</p>	<p>-Gusesengura imibare itarenze 999 mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana</p> <p>-Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 999</p> <p>-Guteranya igiteranyo kitarenga 999 no gukuramo imibare iri muni ya 1000</p> <p>-Gukuba imibare y'imibarwa ibiri na 6 igikubo kitarenga 999</p> <p>-Kugabanya badasagura imibare na 6 ikigabanywa kitarenga 60</p>		<p>itarenze 999 :</p> <ul style="list-style-type: none"> o Iteranya ritabitsa o Iteranya ribitsa o Ikuramo ridatira o Ikuramo ritira o Imyitoto n'amahurizo byo guteranya no gukuramo bijyanye n'ubuzima busanzwe. <p>Gukuba no kugabanya :</p> <ul style="list-style-type: none"> o Mara ya 6 n'ibikubo bya 6 batarenza 60 o Gukubisha imibare y'imibarwa ibiri na 6 o Gukuba na 10, na 100 igikubo kitarenze 990 o kugabanya badasagura imibare iri muni ya 1000 o Imyitoto n'amahurizo byo gukuba no kugabanya 	<p>1000.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Guteranya no gukuramo wifashshije udukino two kubara mu mutwe (ongeraho 100, kuraho 100...) - Gukora amahurizo yo guteranya no gukuramo ajoyanye n'ubuzima bwa buri muni. - Kwifashisha iteranya ry isubiramo mu kugaragaza ibikubo bya 6 no gukora imyitoto ya mbare nkuba na 6 - Mu matsinda , abanyeshuri bagabanye na 6 bifashishije utubarisho cyangwa bahereye ku bikubo bya 6 kandi bagaragaze akamaro ko gukuba no kugabanya mu buzima bwa buri muni. - Gukora imyitoto yo gukuba no kugabanya badasagura umubare w'imibarwa 2 na 6 kandi bahereye ku mahurizo ajoyanye n'ubuzima bwa buri muni .
--	--	--	---	--

Ihuriro n'andi masomo: *Ikinyarwanda mu gusoma, kuvuga no kwandika, , igororangingo mu gukorera mu matsinda, ubumenyi n'ikoranabuhanga riciriritse mu guha nimeru amatsinda y' ibintu no kubara ibintu bitandukanye n'ubumenyi rusange mu bibarurwa.*

Ibipimo by'isuzuma: *Abanyeshuri bashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera kuri 999*

Imfashanyigisho: *Utubarisho dutandukanye, amakarita yanditseho imibare*

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko ya ryo			INYIGISHO: Imigabane	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE 4: Imigabane $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$	Umubare w' amasomo 6	
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Gusoma, kwandika no gushushanya $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza umugabane $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$ cy' ikizima - Gushushanya imigabane $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$ - Kwerekana ibice bigize umugabane 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugabanya ikizima mo ibice binyuranye bingana bitarenze 2, 4 cyangwa 8 - Gusoma no kwandika $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$ - Kugereranya $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$ harekanwa umunini n' umuto 	<ul style="list-style-type: none"> Kugaragaza umuco wo gusangira no gukorana n'abandineza 	<ul style="list-style-type: none"> Gusoma no kwandika imigabane: $\frac{1}{2}$; $\frac{1}{4}$ $\frac{1}{8}$ Gushushanya no gusiga imigabane amabara: $\frac{1}{2}$; $\frac{1}{4}$; $\frac{1}{8}$ Kugereranya imigabane: $\frac{1}{2}$; $\frac{1}{4}$; $\frac{1}{8}$ Gukora ikizima hifashishijwe ibishushanyo by' imigabane cyangwa ibikoresho bifatika 	<ul style="list-style-type: none"> -Kwifashisha urupapuro rwuzuye nk' ikizima kimwe (cyangwa indi mfashanyigisho): <ul style="list-style-type: none"> o Guhina mo ibice 2 , 4 , 8 bingana o Kwerekana $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$, na $\frac{1}{8}$ cy'urupapuro , bakata cyangwa basiga amabara -Kwerekana no kwandika imigabane $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$, na $\frac{1}{8}$ ku gishushanyo -Kwerekana ibice bigize buri mugabane : icyita, ikibara n'umurongo utambitse -Gusoma , kwandika no kugereranya imigabane $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$ bahereye ku mfashanyigisho -Guhuza imigabane bakora ikizima kimwe bahereye ku mfashanyigisho -Kuganira mu matsinda bagaragaza akamaro k'imigabane mu buzima bwa buri muni
Ihuriro n' andi masomo: Indimi mu gusoma n' inyunguramagambo				
Ibigenderwaho mu isuzuma: Abannyeshuri bashobora gusoma, kwandika, gushushanya no kugereranya imigabane $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$ na $\frac{1}{8}$ bahereye ku mfashanyigisho zifatika.				
Imfashanyigisho: Ibikoresho binyuranye: urupapuro, icunga, ipapaye, igisheke...				

IMBUMBANYIGISHO : Ingero n'amafaranga			INYIGISHO:Ingero z'uburebure	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE 5: Ingero z'uburebure m, dm na cm		Umubare w' amasomo 12
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE : Gupima, kugereranya, guteranya, gukuramo ingero z' uburebure no kuzikuba , kuzigabanya n'umubareushyitse				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanukirwa uburebure bwa m, dm na cm - Kumva no gusobanukirwa n' inshoza ya m, dm na cm - Gusobanukirwa uko ingero z'uburebure m, dm na cm zirutana no kugaragaza isano iri hagati yazo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gupima intera cyangwa ibintu bitandukanye muri m na cm - Kugaragaza aho bakoresha ingero z'uburebure m na cm mu buzima bwa buri muni. - Guhindura ingero z'uburebure m, dm na cm uva kurunini ujya ku ruto - Kugereranya uburebure muri m, dm na cm - Guteranya no gukuramo ingero z' uburebure - Gukuba ingero z' uburebure n' imibare ishishyitse igikubo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gupima nta kwibeshya kandi vuba - Kugaragaza akamaro ko gukoresha ingero z'uburebure mu buzima bwa buri muni. - Kugaragaza umuco w'ubunyangamugayo yomu gupima uburebure bw'ibintu bitandukanye 	<p>Ingero z'uburebure :m, dm na cm :</p> <ul style="list-style-type: none"> - Isano iri hagati yazo - Guhindura ingero z'uburebure uva kurunini ujya ku ruto - Igereranya ry'ingero z'uburebure m, dm na cm : - Kugereranya uburebure bw'ibintu binyuranye upima, witegereza - Kugereranya ingero z'uburebure ukoresheje ibimenyetso <, >, = - Amahurizo ku ngero z'uburebure : - Iteranya n'ikuramo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gupima m 1 ku kibaho cyangwa ku gipapuro kinini : - Gucamo m ibice 10 bingana, hakerekana ko buri gice kigaragaza dm 1. - Guhera kuri dm 1 , ugacamo ibice 10 bingana no kwerekana ko buri gace kangana na cm 1 - Guhera ku gishushanyo kigaragaza m 1 igabanyijemo dm 10 na dm 1 igabanyijemo cm 10 , hakerekana uburyo izo ngero zirutanwa inshuro 10 - Gukoresha imbonerahamwe y'ingero z'uburebure mu guhindura ingero kuva kuri m kugera kuri cm - Gupima intera ireshya na m10 mu matsinda

	<p>ntikirenge m 60</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kugabanya ingero z'uburebure n' imibare ishyyitse 2,3,4,5 na 6 		<p>ry'ingero z'uburebure m, dm na cm</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ikuba n'igabanya ry'ingero z'uburebure (m, dm na cm) n'umubare ushyitse 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora amahurizo yo guteranya , gukuramo, ingero z'uburebure ; gukuba no kugabanya ingero z'uburebure n'umubare ushyitse - Kuganira mu matsinda ku kamaro ka m na cm no kugaragaza aho zikoreshwa mu buzima bwa buri muni
<p>Ihuriro n'andi masomo: <i>Ikinyarwanda mu kumva, kuvuga gusoma no kwandika amagambo, Igororangomumu kumenya no gupima uburebure,....</i></p>				
<p>Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora gupima intera cyangwa uburebure bw'ibintu muri m na cm; kugaragaza uko m, dm na cm birutana wifashishije imbonerahamwe, gukora amahurizo yo guteranya no gukuramo ingero z'uburebure .</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>irati, umugozi ureshya na m, uducamurongo, igipapuro gikomeye...</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO: Ingero n'amafaranga			INYIGISHO: Ingero z'ibitembabuzi	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE6: Urugero fatizo rw' ingero z'ibitembabuzi "litiro"		Umubare w' amasomo: 6
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kugereranya, guteranya, gukuramo ingero z' ibitembabuzi muri litiro (l) no kuzikuba , kuzigabanya n'umubare ushyitse				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Kumva no gusobanukirwa n' inshoza ya litiro (l) -Kugereranya ibikoresho binyuranye bitwara ibitembabuzi muri litiro 	<ul style="list-style-type: none"> - Gupima ibintu bitandukanye bakoresheje icupa rya litiro - Gupima litiro zitarenze 10 no Kugereranya ibikoresho binyuranye bitwara ibitembabuzi muri litiro - Kwandika no gusoma itwara ry'ibintu bapimye muri litiro - Gukora amahurizo yo guteranya, gukuramo , gukuba no kugabanya muri litiro (l) 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira ubushishozi no kugaragaza ukuri mu gupima - Kwiyumvisha akamaro ka litiro nk'urugero fatizo mu gupima ibitembabuzi n'itwara ry'ibikoresho binyuranye mu buzima bwa buri muni . 	<ul style="list-style-type: none"> - Urugero fatizo rw'ingero z'ibitembabuzi litiro (l): - Gupima litiro 1, litiro 2,... kugera kuri litiro 10 z'amazi - Igereranya ry'ibikoresho bitwara ibitembabuzi - Gukoresha ibimenyetso bya <,>= mu kugereranya litiro zitandukanye - Amahurizo yo guteranya no gukuramo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gupimaitwara ry' ibikoresho binyuranye muri l wifashishije amazi - Kugereranya ibikoresho binyuranye bitwara ibitembabuzi muri litiro(Ni ikihe gifite litiro nyinshi?) - Gukora amahurizo yo mubuzima bwa buri muni yo guteranya , gukuramo, gukuba no kugabanya ingero z'ibitembabuzi muri litiro(l) ukurikiza inzira ikurikira:gusoma, kumva ihurizo no kugaragaza ibyo batanze, ibyo babaza, no gukora ihurizo - Gutanga ibitekerezo ku dukuru tw'imibare tujyanye no kugereranya, guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya ingero z'ibitembabuzi muri litiro (l)

			ibitembabuzi muri litiro - Amahurizo yo gukuba no kugabanya muri litiro (l)	- Kungurana ibitekerezo mu matsinda ku kamaro ko gukoresha litiro mu gupima ibitembabuzi n’aho urwo rugero fatizo rukoreshwa mu buzima bwa buri muni (kugurisha amata, kugura amavuta yo guteka,....)
<p>Ihuriro n'andi masomo: <i>Ikinyarwanda mu gusoma no kuvuga, Igororangingo mu gupima bakorera mumatsinda,.....</i></p>				
<p>Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abannyeshuri bashobora gupima itwara ry’ibikoresho bitandukanye muri litiro no kugaragaza uko birutana, gukora amahurizo yo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya muri litiro.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>ibikoresho bitandukanye bitwara ibitembabuzi (icupa rya litiro 1, utujerikani twa litiro 1, litiro 2, litiro 3, litiro 5,..... indobo,....)</i></p>				

IMBUMBANYIGISHO:Ingero n' amafaranga			INYIGISHO:Ingero z'uburemere	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE7 :Urugero fatizo rw' Ingero z' uburemere "kg"		Umubare w' amasomo12
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE : Gupima, kugereranya, guteranya no gukuramo uburemere bw' ibintu batarenza kg10				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura inshoza y'uburemere bwa kirogarama(kg) - Kwandika no gusoma kg nk'urugero fatizo rw'ingero z'uburemere - Gutandukanya ibintu binyuranye akurikije uburemere 	<ul style="list-style-type: none"> - Gupima uburemere bw' ibintu binyuranye batarenza ibiro 10 - Kugereranya uburemere bw' ibintu binyuranye - Kwandika uburemere bw'ibintu yapimye muri kg - Gukora amahurizo yo guteranya , gukuramo, gukuba no kugabanya ingero z'uburemere muri kg 	<ul style="list-style-type: none"> Kwiyumvisha impamvu kg ikoreshwa mu gupima uburemere no Kugaragaza ubunyangamugayo mu gupima 	<ul style="list-style-type: none"> Ipima ry'uburemere muri kg , batarenza kg 10: - Amoko atandukanye y' iminzani - Gupima kg 1, kg 2 , kg 3,... - Gusoma no kwandika kg 1, kg 2 , kg 3,... Igereranya ry'uburemere bw'ibintu binyuranye bitarenza kg 10: - kugereranya baterura - kugereranya bapima - kugereranya bakoresha ibimenyetso bya <, >, = Amahurizo yo guteranya , gukuramo, gukubano kugabanya ingero z'uburemere muri kg 	<ul style="list-style-type: none"> - Gupima uburemere bwa kg 1 y'umunyu, isukari,...ngo bumve inshoza y'uburemere bwa kg 1 - Kugereranya mu matsinda uburemere bw'ibintu bitandukanye baterura, bapima bakoresheje umunzani - Gupima kugera kg 10 zibintu bitandukanye hifashishijwe umunzani no kwandika uburemere bapimye - Kuganira ku kamaro ko gukoresha kg n'aho ikoreshwa mu buzima bwa buri muni - Gutanga ibitekerezo ku dukuru tw'imibare tujyana n'ingero z' uburemere muri kg - Kungurana ibitekerezo mu matsinda ku mikoreshereze y'ikuramo, iteranya, ry'ingero z'uburemere mu buzima bwa

bwabyo				<p>huri muni.</p> <p>- Gukora amahurizo yo mu buzima bwa huri muni yo guteranya , gukuramo, gukuba no kugabanya ingero z'uburemere muri kg, ukurikira inzira ikurikira:gusoma, kumva ihurizo no kugaragaza ibyo batanze, ibyo babaza, no gukora ihurizo</p>
<p>Ihuriro n'andi masomo : <i>Ikinyarwanda mu gusoma no kuvuga , ubumenyi n' ikoranabuhanga.</i></p>				
<p>Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora gupima, kugeraranya , guteranya no gukuramo uburemere binyuranye batarenza kg 10.</i></p>				
<p>Imfashanyigisho: <i>Iminzani inyuranye, amabuye bapimisha, ibikoresho byo gupima binyuranye</i></p>				

IBUMBANYIGISHO:Ingero n' amafaranga			INYIGISHO:Amafaranga	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE 8: Amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F1000	Umubare w' amasomo 12	
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kubara no kuvunja amafaranga y'u Rwanda atarenze 1000				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya no kugaragaza agaciro k' amafaranga y'u Rwanda kuva kuri 1kugera ku1000 - Kumva agaciro k'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri 1kugera ku 1000 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara amafaranga atarenze 1000 - Gukoresha amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F1000 mu igura n'igurisha no kuyavunja - Gukora gahunda y'uko yakoresha amafaranga atarenze 1000 no kugaragaza ibyo yakora ngo azigame 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugira umuco wo gukoresha amafaranga neza bijyanye n' ubushobozi bwa buri muntu , - Kugaragaza umuco w'ubunyangamugayo mu gukoresha amafaranga - Kugaragaza umuco wo kuzigama no gukora udushinga duciriritse 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibiranga amafaranga y'u Rwanda n'agaciro kayo kugera ku F 1000 - Akamaro k'amafaranga n' uburyo aboneka - Amahurizo ku mafaranga y'u Rwanda atarenze F1000: - Amahurizo yo guteranya no gukuramo - Amahurizo yo gukuba no kugabanya 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F 1000 mu matsinda no kugaragaza ibiyaranga - Kugereranya amafaranga kugera ku F1000 uhereye kubyo ashobora kugura cyangwa kuyakoresha nko kwishyura imodoka ku rugendo,...(ese ufite F100 wagura iki ?,.....) - Mu matsinda abanyeshuri baganira kandi bakagaragaza ibiranga amafaranga y'u Rwanda kugera ku 1000, bakoresha ibishushanyo n'amafoto - Gukora urutonde rw'ibintu bagura batarenze F1000 kandi bahereye ku by' ingenzi - Gukina udukino ku gukoresha amafaranga mu igura n'igurisha (umuguzi n'umucuruzi, umubitsi n'ubitsa, umukozi n'umukoresha,...) - Kuganira uko amafaranga aboneka n' uko akoreshwa n' umuco wo kuzigama no

				gukora udushinga duciriritse (umwarimu ayobora ikiganiro yifashisha utubazo dutandukanye)
Ihuriro n'andi masomo : <i>Ikinyarwanda n'icyongereza mu gusoma n'inyungurangamagambo</i>				
Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora kubara, Kugereranya, kuvunja, guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya amafaranga atarenze 1000</i>				
Imfashanyigisho : <i>Amafara ng a y'u Rwanda kuva kuri F1 kugera ku F1000, ibishushanyo n'amafoto by'amafaranga y'u Rwanda,</i>				

IMBUMBANYIGISHO: Ingero n' amafaranga			INYIGISHO: Ingero z'igihe	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE9: Isaha, amezi y' umwaka n'iminsi ya buri kwezi		Umubare w' amasomo 18
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Gusoma , kwandika no kuvuga isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30 , Kuvuga amezi y'umwaka n'iminsi ya buri kwezi				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gukurikiranya amasaha agize umunsi - Kuvuga no kumenya iminsi y'icyumweru, iminsi igize buri kwezi n'amazina y'amezi agize umwaka 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma no kuvuga igihe cyerekamwa n' isaha y'inshinge cyangwa y' imibare - Gutandukanya amazina y' amezi y'umwaka uherye ku mubare w'iminsi ya buri kwezi - Gusoma no kuvuga itariki ku ndangaminsi - Gukora no Gutondeka ibikorwa by' umunsi uherye kubifite akamaro no gukora gahunda 	<ul style="list-style-type: none"> - Guha agaciro igihe no kugikoresha neza - Kugaragaza gahunda mu buzima bwa buri munsi no kubahiriza igihe 	<ul style="list-style-type: none"> Gusoma, kwandika no kuvuga igihe cyerekamwa n'isaha : -Isaha y'inshinge -Isaha y'imibare -Amasaha agize umunsi -Imisomere, imivugire n'imyandikire y'isaha yuzuye cyangwa irenga ho iminota 30 Ibyumweru by'ukwezi n' iby' umwaka -Amezi agize umwaka -Iminsi ya buri kwezi iminsi y' umwaka Gukora gahunda y'ibikorwa by'icyumweru no gukoresha neza igihe 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza isaha nini y'inshinge no kugaragaza urushinge rw'amasaha, urw'iminota nurushinge rw'amasogonda - Kwitoza gusoma no kuvuga isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30 hifashishijwe isaha y'urushinge cyangwa y'imibare cyangwa ibishushanyo byazo - Gushushanya amasaha ajyanye n'igihe cyatanzwe cyangwa Guhuza ibishushyo by'amasaha n'igihe cyatanzwe - Kuganira mu matsinda kubyo bakora ku isaha runaka igihe bari ku ishuri. - Kugaragaza ibyumweru by'ukwezi n' amezi y' umwaka n'iminsi ya buri kwezi hifashishijwe indangaminsi , Gusoma no kuvuga itariki ku ndangaminsi

	y'ibikorwa by'icyumweru			- Gukora gahunda y'ibikorwa by'icyumweru bahereye ku bikorwa by'ingenzi bya buri muni mu yigize icyumweru no kuganira ku kamaro ko kubahiriza igihe (umwarimu ayobora ikiganiro yifashisha utubazo dutandukanye)
Ihuriro n'andi masomo: <i>Ikinyarwanda mu gusoma no mu nyunguramagambo.</i>				
Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora gusoma, kwandika, kuvuga isaha yuzuye n'isaha irengaho iminota 30 no kuvuga amezi y'umwaka n' iminsi ya buri kwezi</i>				
Imfashanyigisho: <i>Isaha y' inshinge, isaha y' imibare cyangwa igishushanyo cyayo, indangaminsi.</i>				

IMBUMBANYIGISHO: Ibyerekezo n'amashushongero

INYIGISHO: Imirongo n'imfuruka

IMIBARE UMWAKA WA KABIRI

UMUTWE10 : Amoko y' imirongo n'Imfuruka

Umubare w' amasomo6

UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Gutahura no gushushanya imirongo n' imfuruka ifunganye n' iyagutse


Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya no guca imirongo igororotse, ifunze , ifunguye, ihese n' ivunaguye. - Kuvuga no kumenya ibiranga imfuruka ifunganye n' iyagutse bahereye ku igororotse - Gutandukanya imfuruka igororotse, ifunganye n'iyagutse ahereye ku ngano yazo 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana imirongo igororotse, ifunze , ifunguye, ihese n' ivunaguye ku bintu bitandukanye mu ishuri no hanze ya ryo - Guca imirongo igororotse, ifunze , ifunguye, ihese n' ivunaguye - Gutahura imfuruka igororotse ifunganyen' iyagutse ku bintu bitandukanye n' ahantu hatandukanye -Gushushanya imfuruka igororotse ifunganyen' iyagutse 	<ul style="list-style-type: none"> -Kugaragaza umuco wo kwitegereza no gushishoza mu byo akora -Kugaragaza ubushobozi bwo kurasa ku ntego 	<p>Amoko y' imirongo:</p> <ul style="list-style-type: none"> -imirongo igororotse -imirongo itambitse, -imirongo ihagaze n' iberamye, -imirongo ifunze , -imirongo ifunguye, -imirongo ihese n' ivunaguye <p>-Guca imirongo itandukanye</p> <p>Imfuruka:</p> <ul style="list-style-type: none"> -imfuruka igororotse, ifunganye, yagutse n'ibizigize , -Gushushanya imfuruka igororotse, ifunganye n'iyagutse ukoresheje irati n'ikinyatuzu -Igereranya ry' imfuruka igororotse , ifunganye 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura amoko y' imirongo hifashishijwe ibintu biri mu ishuri no hanze yaryo - Guca imirongo igororotse mu ikayi bakoresha agacamurongo. - Gukinisha agakino"Ni uwuhe murongo: kwerekana imirongo itandukanye abanyeshuri bakavuga amazina yayo. - Kuganira ku kamaro k'imirongo mu buzima bwa buri muni n' aho ikoresha (umwarimu ayobora ikiganiro yifashisha utubazo dutandukanye) - Gutahura imfuruka igororotse, ifunganyen' iyagutse mu mfuruka zitandukanye cyangwa uhereye ku bintu biri mu ishuri, ku bishushanyo by'ibintu bitandukanye (intebe, ameza, imodoka, inzu, urugi,..), ...

			n'iyagutse uhereye ku ngano yazo	- Kwifashisha ikinyatuzu, abanyeshuri bagahuza utudomo bahawe bifashishije agacamurongo mu gushushanya imfuruka zitandukanye: igororotse, iyagutse n'ifunganye.
Ihuriro n'andi masomo : <i>Ikinyarwanda mu gusoma no kuvuga , mu bugeni, igororangingo.</i>				
Ibigenderwaho mu isuzuma: <i>Abanyeshuri bashobora gushushanya imirongo n' imfuruka no gutanga ingero z'ahantu cyangwa ibintu basangaho imirongo n' imfuruka igororotse, ifunganye n' iyagutse .</i>				
Imfashanyigisho: <i>Inguni , metero, agacamurongo , ikinyatuzu,</i>				

IMBUMBANYIGISHO: Ibyerekezo n'amashushongero			INYIGISHO: Ikinyatuzu	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE11 : Ikinyatuzu		Umubare w' amasomo 6
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kubaka ikinyatuzu no kuranga utudomo ku kinyatuzu				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kumva inshoza y' ikinyatuzu - Gutandukanya imbariro n' inkingi 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushushanya ikinyatuzu - Kubaka ikinyatuzu no kuranga cyangwa gushyira akadomo ku kinyatuzu 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwitegereza no gushishoza - Kugira ubushobozi bwo gushyira ikintu mu mwanza wa cyo mu buzima bwa buri muni 	<ul style="list-style-type: none"> Ikinyatuzu n'ibikiranga : <ul style="list-style-type: none"> - imbariro n'inkingi - Uko bubaka ikinyatuzu - Uko bashyira akadomo ku kinyatuzu - Uko baranga akadomo ku kinyatuzu 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora ikinyatuzu hifashishijwe imirongo ihagaze n' itambitse:inkingi n'imbariro no kwita amazina inkingi n' imbariro - Gushyira utudomo no kuranga aho duherereye, uhereye ku gishushanyo cy'ikinyatuzu - Kuganira ku kinyatuzu n'aho gishobora gukoreshwa mu buzima bwa buri muni (mu gukora imitako, mu gukora igisenge cy'amazu,...)
Ihuriro n' andi masomo: Mu gushushanya, mu bumenyi bw'isi				
Ibigenderwaho mu isuzuma: Abanyeshuri bashobora gushushanya ikinyatuzu, kuranga no gushyira akadomo ku kinyatuzu				
Imfashanyigisho: Inguni, metero, agacamurongo, urupapuro rukomeye...				

IMBUMBANYIGISHO: Amashushongero			INYIGISHO: Ibinyampande	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE12 : Kare, urukiramende na mpandeshatu		Umubare w' amasomo 24
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE:Gutahura kare, urukiramende na mpandeshatu muyandi mashusho no gushaka umuzenguruko				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza ibiranga kare, urukiramende na mpandeshatu - Kugaragaza umuzenguruko wa buri shusho 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya kare, urukiramendena mpandeshatu mu yandi mashusho - Gutanga ingero z' ibikoresho bifite ishusho ya kare, urukiramende na mpandeshatu mu ishuri no hanze ya ryo - Gushushanya kare , urukiramende na mpandeshatu - Gupima no gushaka umuzenguruko wa buri shusho yizwe 	<ul style="list-style-type: none"> - Gushishoza no guhuza ibisa mu buzima bwa buri muni - Gusabana no kubana neza n' abandi - Kubahana muri byose 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibiranga kare, urukiramende na mpandeshatu - Gushushanya kare, urukiramende, mpandeshatu - Gupima no gushaka umuzenguruko wa kare, urukiramende, na mpandeshatu 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuganira mu matsinda ku mashusho ngero yatanzwe - Hifashishijwe ibishushanyo by'amashushongero anyuranye, abanyeshuri bashobora kugaragaza amashusho asa no k uvuga ibiyaranga(urugero: igishushanyo gishobora kuba kiriho kare nyinshi zishushanyije mu buryo bunyuranye, ...) - Gushushanya kare, urukiramende na mpandeshatu wifashishije agacamurongo, ikinyatuzu...) - Gukina udukino tunyuranye kuri buri shusho: ishusho ishyushye - Kuganira mu matsinda ku bikoresho bifite ishusho ya kare, iy' urukiramende na mpandeshatu - Kwerekana umuzenguruko wa buri shushon' uburyo bawushaka bahereye ku mahurizo afitanye isano n'ubuzima bwa buri muni.
Ihuriro n'andi masomo: Ubugeni, igororangingo,...				
Ibigenderwaho mu isuzuma: Abanyeshuri gushushanya, kuranga no gutandukanya kare, urukiramende na mpandeshatu mu yandi mashushongero no gushaka umuzenguruko wa buri shusho bahereye ku mahurizo afitanye isano n'ubuzima bwa buri muni.				
Imfashanyigisho: Amashushongero anyuranye, ibikoresho bifite ishusho ya kare, y' urukiramende n'iya mpandeshatu, agacamurongo, irati, ikinyatuzu,....				

IMBUMBANYIGISHO: Alijeburi			INYIGISHO: Inganyagaciro	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE 13: umubare ubura mu iteranya, ikuramo n'ikuba ry'imibare		Umubare w' amasomo 6
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE :Gushaka umubare ubura mu iteranya, ikuramo, ikuba n'igabanya ry'imibare				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> -Kumenya no gusobanukirwa inshoza y'inganyagaciro -Kumenya no gusobanukirwa itegeko ryifashishwa mu kubona umubare ubura mu iteranya , ikuramo, ikuba n'igabanya ry'imibare 	<ul style="list-style-type: none"> -Gutahura no gushaka umubare ubura mu iteranya , ikuramo ikuba n'igabanya ry'imibare 	<ul style="list-style-type: none"> -Gutekereza neza kandi vuba -Gushyira ikintu mu mwanya wacyo 	Itahura ry'umubare ubura: <ul style="list-style-type: none"> - Inshoza y'inganyagaciro n'ikimenyetso cya = - Amategeko yo gutahura umubare ubura mu nteruro y imibare bijyanye n' amategeko 4 y' ibara (+, -, x, ÷) - Imyitozo itandukanye yo gushaka umubare ubura mu iteranya, ikuramo, ikuba n' igabanya ry'imibare - Gushaka umubare ubura mu rukurikirane rw'imibare 	<ul style="list-style-type: none"> -Gukora amatsinda y' utubarisho bagatahura utubarisho tubura ngo babone umubare ungana n'uwatanzwe -Gukoresha udukino tunyuranye ku mategeko y' ibara bashaka imibare ibura mu nteruro y' imibare -Kwifashisha ibishushanyo mu gushaka umubare ubura mu nteruro y' imibare y'iteranya, y' ikuramo, y'ikuba cyangwa y' igabanya -Gushaka imibare ibura mu nteruro y' imibare mu mutwe ku mibare yoroshye cyangwa bandika ku mibare isaba gutekereza cyane (urugero: $5 \cdot + 36 = 89, \dots$) -Kuganira mu matsinda ku itegeko ryo gushaka umubare ubura mu nteruro y' imibare
Ihuriro n'andi masomo: ICT mu gukora imibare iri ku mashini, ubumenyi n'ikorabuhanga				
Ibigenderwaho mu isuzuma: Abanyeshuri bashobora gushaka umubare ubura mu iteranya, ikuramo, ikuba n'igabanya ry'imibare				
Imfashanyigisho: Utubarisho tunyuranye, ibipapuro bikomeye cyangwa amakarita atandukanye ariho ingero z'imyitozo				

IMBUMBANYIGISHO: Alijeburi			INYIGISHO: Ibishushanyo n'amashushongero	
IMIBARE UMWAKA WA KABIRI		UMUTWE 14: Ibishushanyo byifashishwa mu kubara		Umubare w' amasomo 6
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE :Gusesengura no gusobanura amakuru atangwa n' igishushanyo gikoreshwa mu kubara				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
Gusobanukirwa n'uko bakora igishushanyo kifashishwa mu mibare hagaragazwa ingano y'ibintu	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza ingano y'ibintu byatanzwe hifashishijwe igishushanyo - Gusesengura no gusobanura icyo igishushanyo cyerekana 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutekereza neza kandi vuba - Kugira ubushobozi bwo gusesengura no kugaragaza ingano y'ibintu mu buzima bwa buri muni. 	<p>Igishushanyo kifashishwa mu mibare hagaragazwa ingano y'ibintu:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gukora amatsinda y'ibintu no kubyerekana ukoresheje igishushanyo - Gusesengura ibishushanyo binyuranye byifashishwa mu mibare hagaragazwa ingano y'ibintu bitarenga 10 - Gukora igishushanyo cyifashishwa mu kubara ahereye ku byo bamuhaye 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha imfashanyigisho cyangwa ibishushanyo mu gusobanura inshoza y' igishushanyo kifashishwa mu kubara no kugaragaza ingano y'ibintu - Abanyeshuri bahereye ku kwitegereza igishushanyo, basesengure kandi basobanure amakuru atangwa n' icyo gishushanyo kifashishwa mu kubara no kugaragaza ingano y'ibintu  <p>(urugero: kugishushanyo hariho imodoka ntoya 4, imodoka nini 1, amagare 5, n'abantu 10)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gukora igishushanyo cyifashishwa mu

				kubara bahereye ku byatanzwe kandi bifitanye isano n'ubuzima bwa buri muni (urugero: gukora amatsinda atandukanye y'ibitabo 3, 5 cyangwa 10, abanyeshuri bakabyerekana bakoresha ibishushanyo mu buryo butandukanye,.....)
Ihuriro n'andi masomo: ubugeni mu gushushanya no gukora ibikoresho bitandukanye, ibarurishamibare,...				
Ibigenderwaho mu isuzuma: abanyeshuri bashobora gusesengura, gusobanura no gushushanya amakuru atangwa n'igishushanyo gikoreshwa mu kubara				
Imfashanyigisho: Ibikoresho binyuranye: ibitabo, amakayi, ..., ibishushanyo binyuranye,...				

5.4. Integanyanyigisho y'Umwaka wa Gatatu

5.4.1 Ubushobozi rusange bugamijwe mu nyigisho y'imibare yo mu mwaka wa Gatatu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatatu ashobora:

1. Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka no kugereranya neza imibare ishyyitse kuva kuri 0 kugera ku 10000, gusesengura no gukoresha neza kandi byihuse amategeko y'ibara (+, -, x, :) mu mibare ishyyitse y'imibara 4.
2. Gutandukanya imibare y' igiharwe n'imibare itari igiharwe
3. Gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku F1 kugera ku F5000 , kuvunja amafaranga no gukora amahurizo arimo guteranya no gukuramo
4. Gushaka imibare ibura mu rukurikirane rw'ibara no gusobanura uko iyo imibare iboneka ku mibare y' imibara 4.
5. Gukoresha neza indangaminsi no kuvuga igihe cyerekanwa n' isaha
6. Gusoma, kwandika no gushushanya neza imigabane itarenze ikizima kimwe icyita kitarenze 10 no gukora imyitoto n'amahurizo bifitanye isano n'ubuzima bwa buri muni
7. Gupima no kugereranya uburebure hifashishijwe metero , kugaragaza isano , guhindura ingero z'uburebure no gukora imyitoto n'amahurizo ku ngero z' uburebure
8. Gupima no kugereranya uburemere bw' ibintu binyuranye muri kg , gukora imyitoto n'amahurizo kuri kg
9. Gupima no kugereranya ingano y' ibintu binyuranye muri l, dl na ml , kwandika no gusoma ingero z'ibitembabuzi (l, dl na cl) no kugaragaza aho zikoreshwa mu buzima busanzwe
10. Gutandukanya amoko y'imirongo , y'imfuruka, kubishushanya no gutanga ingero z' aho biboneka mu buzima busanzwe
11. Gushushanya no kuranga kare, urukiramende, mpandeshatu n' uruziga no gutandukanya amoko ya mpandeshatu

5.4.2 Imbonerahamwe y'ibygwa/imitwe mu Mibare yo mu Mwaka wa Gatatu

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko ya ryo			INYIGISHO : Imibare ishyitse kuva	
IMIBARE UMWAKA WA GATATU		UMUTWE 1:Imibare kuva kuri 0 kugera 2000		Umubare w' amasomo: 22
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya imibare ishyitse kuva kuri 0 kugera ku 2000				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kumva neza no gusobanukirwa umwanya wa buri mubarwa ku mubare ugizwe n'imibarwa ine - Kumenya ibyinshi n'ibike bakoresheje imibare itarenze 2000 - Gusobanukirwa uko bateranya imibare batabitsa cyangwa babitsa igisubizo ntikirenge 2000 - Gusobanukirwa uko bakuramo badatira no gukuramo batira imibare itarenze 2000 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara, gusoma no kwandika neza imibare itarenze 2000 aho ariho hose - Gusesengura imibare itarenze 2000 mo ibinyabumwe, ibinyacumi, ibinyajana n'ibinyagihumbi - Gutondeka no kugereranya imibare itarenze 2000 kuva ku muto ujya ku munini no kuva ku munini ujya ku muto - Guteranya batabitsa no guteranya babitsa igisubizo ntikirenge 2000 no kubikoresha 	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni. - Gutekereza neza kandi vuba - Kwigirira icyizere no Gukora cyane 	<ul style="list-style-type: none"> - Imivugire, imisomere n' imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera 2000 (mu mibare no mu magambo) - Gusesengura, gutondeka no kugereranya imibare itarenze 2000 : <ul style="list-style-type: none"> o Gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi, ibinyajana n'ibinyagihumbi o Itondeka ry'imibare kuva ku ijana kugera kuri 2000 (kuva ku munini ujya ku muto, uva ku muto ujya ku munini) o Igereranya ry'imibare itarenze 2000 hakoreshejwe ibimenyetso <, >, = - Iteranya n'ikuramo ry'imibare itarenze 2000 : <ul style="list-style-type: none"> o Iteranya ritabitsa o Iteranya ribitsa 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha amakarita yanditseho imibare itandukanye 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9 na 0, abanyeshuri mu matsinda ya bane bagakora imibare itandukanye igizwe n'imibarwa 4 kandi bakagerageza gutangariza ishuri ryose imibare ishoboka bashobora gukora batarenza 2000 - Gukoresha umurongo w'ibara mu kubara no gutondeka imibare kugera kuri 2000 - Gukora imyitozo yo gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera ku 2000 mo ibinyabumwe, ibinyacumi, ibinyajana n'ibinyagihumbi bifashishije ikibarisho cyangwa imbonerahamwe y'ibara - Guteranya utabitsa no guteranya ubitsa mu buryo buhagaze ukoresheje imbonerahamwe y'ibara cyangwa ikibarisho - Gukuramo badatira cyangwa batira imibare y'imibarwa ine mu buryo buhagaze bakoresheje imbonerahamwe

<p>-Gukubisha 7, 8 na 9 imibare kuva kuri 0 kugera ku 10</p> <p>-Gusobanukirwa uko bakuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2 igisubizo ntikirenge 2000</p> <p>- Gusobanukirwa uko bagabanya umubare w'imibarwa ine n'umubare w'umubarwa 1 imibare itarenze 2000</p>	<p>mu buzima bya buri muni .</p> <p>- Gukuramo badatira no gukuramo batira imibare itarenze 2000 no kubikoresha mu buzima busanzwe</p> <p>- Gukuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2 igisubizo ntikirenge 2000 no kubikoresha mu buzima busanzwe</p> <p>- Kugabanya umubare w'imibarwa ine n'umubare w'umubarwa 1 imibare itarenze 2000</p>		<ul style="list-style-type: none"> ○ Ikuramo ridatira ○ Ikuramo ritira ○ Imyitozo n'amahurizo byo guteranya no gukuramo bijyanye n'ubuzima busanzwe. <p>- Gukuba no kugabanya :</p> <ul style="list-style-type: none"> ○ Mara ya 7 n'ibikubo bya 7 batarenze 70 ○ Mara ya 8 n'ibikubo bya 8 batarenze 80 ○ Mara ya 9 n'ibikubo bya 9 batarenze 90 ○ Ikuba ry' umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2 igisubizo ntikirenge 2000 ○ Ikuba ry'imibare na 100 na 1000 igisubizo kitarenze 2000. ○ Igabanya ry' umubare w'imibarwa ine n'umubare w'umubarwa 1 imibare itarenze 2000 ○ Amahurizo ajyanye n'ubuzima bwa buri muni ku ikuba n'igabanya . 	<p>y'ibara cyangwa ikibarisho</p> <p>- Gufasha abanyeshuri kubara vuba/ mu mutwe bateranya, bakuraho bakuba,banagabanya(urugero: ongeraho 1000, kuraho 1000. Kuba na 10, 100 ; ...Gabanya na 2...)</p> <p>- Gutanga ibitekerezo ku dukuru tw'imibare tujyanye no guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya</p> <p>- Kugabanya mu mahembe umubare w'imibarwa ine n'undi w'umubarwa umwe.</p> <p>- Guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya ukoresheje imyitozo ya mbare no gushaka umubare ubura kugirango igisubizo cyatanze kiboneke (urugero : $1 \bullet 5 + 12 = 167, \dots$)</p> <p>- Gukora amahurizo yo guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya ajyanye n'ubuzima bwa buri muni.</p> <p>- Kungurana ibitekerezo mu matsinda ku kamaro ko kwiga guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya mu buzima bwa buri muni</p>
---	--	--	---	---

Ihuriro n'andi masomo: Ikinyarwanda mu gusoma, kuvuga no kwandika, kubara ibintu bitandukanye n'ubumenyi rusange mu bibarurwa.

Ibigenderwaho mu isuzuma: Abanyeshuri bashobora kubara, gusoma, kwandika, gutondeka, kugereranya, guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya neza imibare ishyitse kugera ku 2000

Imfashanyigisho: Utubarisho dutandukanye, amakarita yanditseho imibare, ikibarisho cyangwa igishushanyo cy'ikibarisho,...

IMBUMBANYIGISHO: Ibara n' amategeko yaryo			INYIGISHO : Imibare ishyyitse kuva kuri 0 kugera ku 10000	
IMIBARE UMWAKA WA GATATU		UMUTWE 2:Imibare kuva kuri 0 kugera kuri 5000		Umubare w' amasomo 20
UBUSHOBOZI BW'INGENZI BUGAMIJWE: Kubara, gusoma, kwandika, gutondeka,kugereranya, guteranya, gukuramo, kukuba no kugabanya imibare ishyyitse kugera ku 5000				
Intego			Ibyigwa	Ibikorwa by'umunyeshuri
Ubumenyi	Ubumenyigiro	Ubukeshya		
<ul style="list-style-type: none"> - Kumva neza no gusobanurwa umwanya wa buri mubare ku mubare ugizwe n'imibarwa ine - Kumenya iby'inshi n'ibike bakoresheje imibare itarenze 5000 - Gusobanurwa uko bateranya imibare batabitsa cyangwa babitsa igisubizo ntikirenge 5000 - Gusobanurwa uko bakuramo badatira no gukuramo batira imibare itarenze 	<ul style="list-style-type: none"> - Kubara,gusoma no kwandika neza imibare itarenze 5000 aho ariho hose - Gusesengura imibare itarenze 5000 mo ibinyabumwe, ibinyacumi, ibinyajana n'ibinyagihumbi - Gutondeka no kugereranya imibare itarenze 5000 kuva ku muto ujya ku munini no kuva ku munini ujya ku muto - Guteranya batabitsa no guteranya babitsa 	<ul style="list-style-type: none"> -Kugaragaza gahunda mu bikorwa bya buri muni. -Gutekereza neza kandi vuba , kwigirira icyizere no gukora cyane 	<ul style="list-style-type: none"> - Imivugire , imisomere n' imyandikire y' imibare kuva kuri 0 kugera 5000 (mu mibare no mu magambo) - Gusesengura, gutondeka no kugereranya imibare itarenze 5000 : <ul style="list-style-type: none"> o Gusesengura imibare mo ibinyabumwe, ibinyacumi , ibinyajana n'ibinyagihumbi o Itondeka ry'imibare kuva ku 2000 kugera kuri 5000 (kuva ku munini ujya ku muto, uva ku muto ujya ku munini) o Igereranya ry'imibare 2 itarenze 5000 hakoreshejwe ibimenyetso <, >, = - Iteranya n'ikuramo ry'imibare itarenze 5000 : <ul style="list-style-type: none"> o Iteranya ritabitsa o Iteranya ribitsa 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha umurongo w'ibara mu kubara no gutondeka imibare kugera kuri 5000, uhaye ku 1000 kandi hitabwa cyane ku mibare ihesha n'amazeru 2 (1000; 1500;.....) - Gukoresha amakarita yanditseho imibare itandukanye 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9 na 0 , abanyeshuri mu matsinda ya bane bagakora imibare itandukanye igizwe n'imibarwa 4 kandi bakagerageza gutangariza ishuri ryose imibare ishoboka bashobora gukora batarenze 5000 - Gukora imyitoto yo gusesengura imibare kuva kuri 0 kugera ku 5000 mo ibinyabumwe,ibinyacumi, ibinyajana n'ibinyagihumbi bifashishije ikibarisho cyangwa imbonerahamwe y'ibara - Guteranya utabitsa no guteranya ubitsa mu buryo buhagaze ukoresheje imbonerahamwe y'ibara cyangwa ikibarisho - Gukuramo badatira cyangwa batira imibare y'imibarwa ine mu buryo buhagaze bakoresheje imbonerahamwe y'ibara cyangwa ikibarisho

<p>5000</p> <p>-Gusobanukirwa uko bakuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2 igisubizo ntikirenge 5000</p> <p>-Gusobanukirwa uko bagabanya umubare w'imibarwa ine n'umubare w'umubarwa 1 imibare itarenze 5000</p>	<p>igisubizo ntikirenge 5000 no kubikoresha mu buzima bwa buri muni .</p> <p>- Gukuramo badatira no gukuramo batira imibare itarenze 5000 no kubikoresha mu buzima busanzwe</p> <p>- Gukuba umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2 igisubizo ntikirenge 5000 no kubikoresha mu buzima busanzwe</p> <p>- Kugabanya umubare w'imibarwa ine n'umubare w'umubarwa 1 imibare itarenze 5000</p>		<ul style="list-style-type: none"> ○ Ikuramo ridatira ○ Ikuramo ritira ○ Imyitoto n'amahurizo byo guteranya no gukuramo bijyanye n'ubuzima busanzwe. <p>- Gukuba no kugabanya :</p> <ul style="list-style-type: none"> ○Ikuba ry' umubare w'imibarwa itatu n'undi w'imibarwa 2 igisubizo ntikirenge 5000 ○Ikuba ry'imibare na100 na 1000 igisubizo kitarenze 5000. ○Igabanya ry' umubare w'imibarwa ine n'umubare w'umubarwa 1 imibare itarenze 5000 ○Amahurizo ajyanye n'ubuzima bwa buri muni ku ikuba n'igabanya . 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri kubara vuba/ mu mutwe bateranya, bakuraho bakuba,banagabanya(urugero: ongeraho 1000, kuraho 2000. Kuba na 10, 100 ; ...Gabanaya na 2...) - Gutanga ibitekerezo ku dukuru tw'imibare tujyanye no guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya. - Guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya ukoresheje imyitoto ya mbare no gushaka umubare ubura kugirango igisubizo cyatanze kiboneke (urugero : $21 \cdot 5 + 13 \cdot = 2167, \dots$) - Gukora amahurizo yo guteranya, gukuramo gukuba no kugabanya ajyanye n'ubuzima bwa buri muni. - Kungurana ibitekerezo mu matsinda ku kamaro ko kwiga guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya mu buzima bwa buri muni
---	---	--	--	---

Ihuriro n'andi masomo: *Ikinyarwanda mu gusoma, kuvuga no kwandika, kubara ibintu bitandukanye n'ubumenyi rusange mu bibarurwa.*

